

IMBOHE

 ...hano na none, mw'Izina ry'Umwami Yesu, no kumva imirimo ikomeye kandi itunganye Wakoze, mbere. Noneho ubu duhagaze dutegereje, bizamura kwizera kwacu no kudasiga amavuta, twizera ko ibyasabwe muri iri joro bizasubizwa. Uzi buri kintu cyose na buri wese muri bo, n'ibyo basabye byose. Kandi turabasengera, cyane cyane Mwami, abegereje urupfu. Zana amahoro ku bugingo bwabo niba ntayahari. Zana gukira ku mubiri wabo. Byemere, Mwami.

² Ha umugisha guhurira hamwe kwacu. Tu—turasenze, Mwami, muri aya materaniro y'ijoro ryo Kuwagatatu, ko, nk'uko twateranye, tuzi ko aho babili cyangwa barenga tuzaba duteraniye, Wowe uzaba uri kumwe natwe. Turagusaba, Mwami, kuduha Ijambo Ryawe iri joro. Vugana natwe, Mwami, kandi ususurutse imitima yacu, bidasanzwe, kugira ngo tumenye uko tugomba kwitwara mu gihe gikomeye kiri imbere, nk'uko twemera ko twegereje Ukuza k'Umwami.

³ Turagushimira ku bantu bakundwa batangiye kubona ukwizera, kandi bazi icyo kwizera bisobanura. Kandi no kumenya, ndetse no gushimira ku bikorwa bikiri imbere, twizera ko hari icyo Uzakora. Mwami, dutegereje dushishikaye, nko mu bihe bya kera, twizera ko igihe cyegereje mu gihe Ugiye kuzamura amadirishya y'Ijuru hanyuma ugasuka amasezerano Imana yasezeranije muri iyi minsi ya nyuma.

⁴ Noneho turagusaba, Mwami, ku—kubana na bose, hirya no hino mu mahanga, nk'uko uyu muni twumvise benshi hirya no hino, ahantu hose, ibyo birakenewe. Bahe ibyo basabye, Mwami. Turasenze ngo tubone u—ukuboko gukomeye kw'Imana kuzenguruka kw'isi yose mu bashaka iki kintu gikomeye.

⁵ Utubabarire ibyaha byacu. Uduhane, Mwami, hamwe n'Umwuka Wawe n'Ijambo Ryawe, kugira ngo twitonde, nk'abagaragu bumvira, abakozi bumvira mu bushake bw'Imana. Reka twibuke, kandi tugerageze gutekereza mu mitima yacu, ibyo Abakristo bo hambere bakoze. Ni ubuhe bwoko bw'abantu twahura na bwo mu gihe twahuye n'abantu bari bihuriye na We. Ukuntu mu maso habo hagomba kuba harabagirana kwizera n'ibyishimo. Ukuntu ubuzima bwabo bugomba kuba ari Ijambo rizima ry'Imana, gusa kuba “inzandiko zanditse zisomwa n'abantu bose,” uko bagenda no mu bantu. Mana, ongera ubitange.

⁶ Turifuza ko ubuzima bwacu bugushyikirizwa, ko Umwuka Wera ubaho muri twe, kandi ukavuga binyuze muri twe, Mwami. Reka twibuke, mu bitekerezo byacu, mu gihe tugenda mu muhanda tugashyikirana n'isi, ntidukiye kumera nka

bo. Kandi tujya ku ruhande tukabasigira umwanya, Mwami, mu gihagararo cyabo kibakwiye hano kw'isi. Tuzafata intebe y'inyuma, ariko tuzi ko turi intumwa ziturutse mu yindi si. Dufite Ubwami buza mu mbaraga, Mwami. Kandi Umwami wacu ukomeye azaza vuba yigarurire ubutegetsu bwose buri mu bwami Bwe. Azateguka kandi Aganze; turi kumwe hamwe na We hano ku isi, imyaka igihumbi, kandi tubane na We ubuziraherezo.

⁷ Hamwe n'ibi mu bitekerezo, Mwami, ubu dutegereje igisubizo cy'amasengesho yacu. Dutumbiraye ku byo twatuye. Niba hari ikintu icyo ari cyo cyose twakoze, twavuze, cyangwa twatekereje, kinyuranye n'ubushake Bwawe bukomeye, reka Amaraso ya Yesu Kristo atweze.

⁸ Utuyobore, Mwami, nk'uko mushiki wacu yabivuze iri joro, ku byerekeye we n'umugabo we mu muhanda ugana i Chicago. Bayobore, Mwami Mana, ahantu ushobora kubakoresha, kugira ngo babe urumuri rw'umucyo ku bandi bagenda mu mwijima, batazi Umwami wacu Yesu. Noneho tugushinze umurimo, kandi twumva Ijambo Ryawe rikosora, kugira ngo tumenye uko dutegura iyi saha ikomeye, mw'Izina rya Yesu ni ho tubisabye. Amina.

[Ahantu hatagaragara kuri kaseti. Mwene Data Neville agize icyo avugaga—Ubwanditsi.]

Uwiteka aguhe umugisha. Urakoze, mwene Data.

⁹ Nari ntunguranye gato kuri ibi. Njye, kuba hano mu rugo, numvaga nk'aho ntagomba rwose kugira aho njya, byihutirwa, Nakumva meze nabi cyane, ndamutse ngumye mu rugo sinze mu materaniro y'amasengesho. Nahageze mu by'ukuri mu buryo butatekerezwaga, kuri njye, ndetse no ku muryango wanjye. Ninjiye gusa, mpita ngenda. Nuko ndavugaga nti: "Ndamanutse ngiye mu materaniro y'amasengesho." Kandi nta n'umwanya yari afite wo kwitegura kuza, rero ntabwo yari azi ko naje.

¹⁰ Nshimishijwe rero no kumva ubuhamya bwa mushiki wacu hariya, mwene Data, ku byerekeye rwa Rumuri kuri Carolina y'Epfo cyangwa Carolina y'Amajyaruguru, ahantu runaka. Greenville, ni byo? [Mushiki wacu ati: "Oya. Pines y'amajyepfo."—Ubwanditsi.] Pines y'Amajyepfo. Yego.

¹¹ Mwene Data Lee Vayle ari hano uyu muni. Namubatije, uyu muni, mu gikorwa cy'umubatizo hano uyu muni. Mwene Data Lee Vayle, urabizi, umwe mu baminisitiri bari hariya, Mwene Data Parker Thomas. Hariya hari. . .

¹² Ndabyibuka—icyo gihe, mushiki wacu azengurutse n'igicucu. Byari icyemezo gikomeye, mushiki wacu, ku byo. . . Umwuka Wera rimwe na rimwe uzatwemerera kujya mbere kandi tugerageza kwizera kwacu, kugira ngo turebe icyo. . . kandi tugerageze ukwizera kw'abandi. Iyo urimo kureba ikintu runaka, hanyuma ukabona ikintu, ukakivuga; abandi

bakareba ntibakibone, bakavuga ngo nta gihari. Murareba? Ariko nyamara gihari.

¹³ Noneho, nta muntu n'umwe washoboraga kubona ko Umucyo uri hejuru ya Pawulo, ariko nyamara Wari uhari. Nta muntu n'umwe wabonye inuma imanuka ivuye mw'Ijuru, muri iyo shusho, mu buryo, yamanutse ikajya kuri Yesu, uretse Yohana ubwe. Ariko nyamara Yari ihari. Murareba?

¹⁴ Noneho rero, hanyuma, nyuma y'ihise ubwo nabwiraga abantu ibijyanye n'Umucyo umeze nk'Inkingi y'Umuriro, nta muntu n'umwe washakaga kubyemera. Ariko ubu ijisho ry'imashini ya kamera ryarabyerekanye.

Noneho haza umwuka mubi wijimye.

¹⁵ Ni nk'aho ubuzima bwacu, ari igicucu. Kandi niba turi, niba turi urumuri, turi rwo, niba ubuzima bwacu buhanganye n'Umucyo w'umunsi, tugendera mu Mucyo.

¹⁶ Ni nk'aho ureba hanze ukavuga uti: "Ndabona izuba," ku manywa. Wowe—urabona igicucu cy'izuba. Ni ikigaragaza izuba. Ntabwo ari izuba, ubwaryo, ariko cyerekana ko hariho izuba. Kirerekana ko hariho izuba.

¹⁷ Noneho ubu iyo mbona, nkawe ugiye hanze, ukoresha agahumamuyaga, uganira, ibyo bivuze ko uriho, ariko ni igicucu cy'ubuzima gusa.

¹⁸ Kubera ko, ikintu cyose kigira umwijima muri cyo, kugira ngo gikore igicucu. Murareba? Kubera ko, igicucu kigomba kugira umwijima mwinshi n'umucyo mwinshi, kugira ngo hakorwe igicucu. Kandi ntigishobora umwijima ngo kube n'umucyo icyarimwe. Niba ari umwijima, ni umwijima rwose. Niba kandi ari umucyo, nta gicucu, nta kintu gihari cyo gukora igicucu. Ariko niba kivanzemo umwijima n'umucyo, bikora igicucu.

¹⁹ Turi igicucu cy'umucyo. Noneho murimo kwerekana ubuzima buva ahantu runaka. Niba uri, n'Umukristu, iki kuba igicucu, byerekana gusa ko hariho Ubuzima budashobora gupfa, kuko ubu buzima bufite urupfu muri bwo. Murareba? Ariko ni igicucu, kuko uri muzima, ikiremwa kigenda gifite ubushobozi bwo kubona, gutekereza, kuva aho kiri, no kuvuga, ni ibyumviro bitanu by'umubiri. Ariko nyamara murabizi, bo, barapfa. Kandi hariho ibibazo byinshi. Murabizi, bishobora kuba gusa... Ni ibigaragaza, murebe, ko hariho ubuzima n'urupfu bihuriye hamwe.

²⁰ Umubiri ugomba gupfa. Ariko niba mutekereza, ku buzima bwanyu bupfa, Umucyo w'Ijuru, noneho muba mugaragaza Ubuzingo Buhoraho, Imana. Noneho iyo upfuye, nta kindi wakora usibye kujya kuri urwo rumuri, kuko Ni byo wagaragaje.

²¹ Niba uri mw'isi yijimye, urabigaragaza, kandi ushobora kubikora, ntunyure mu yindi nzira uretse iy'umwijima.

Murareba? Turi mu gicucu cy'ibitekerezo. Rero, turabona ko nk'uko Umwuka Wera ugaragaza Umucyo n'Ubuzima, ni ko urupfu rugaragaza umwijima.

²² Kandi hano byombi birahari. Ejo- . . . Mu gihe cy'icyumweru, wenda ku Cyumweru, turimo gutubura ifoto ngo tuyigire nini, ku buryo twayishyira hariya ku rukuta rw'amatangazo.

²³ Aho, ifoto yawe imanitse hariya ku rukuta rw'amatangazo. Sinzi niba wabibonye, cyangwa utabibonye. Hanyuma . . .

Kandi hafi mu cyumweru gishize, muri—muri Jamayike, aho nari ndi umumisiyonari . . . Turohereza kaseti kw'isi hose. Kandi *Ibimenyetso birindwi* byongeye kugaruka . . . byinjira mu gihugu cya Jamayike, bicengeramo imbere. Kandi ni byiza cyane gusubira inyuma, inyuma y'umusozo Blue Mountain. Kandi ba kavukire, rimwe na rimwe, baba bafite icyuma gifata amajwi tuba twabahaye, ni ngombwa ko kuri—kuri, nko ku musaza Victrola ukuze, arakireka kikavuga, hanyuma akakireka—akakireka kikijyana nka gutya. Hanyuma, buri minota mike, umuntu aba agomba kongera agakanda.

²⁴ Iri tsinda ryari rifite akabateri gato—gato . . . bateri, bateri ya volute esheshatu, cyangwa ikindi nk'icyo, ivuza kaseti. Kandi bo—bose bari bashyize hamwe, ku byerekeye ibiri kubera hano muri iri joro, bumva ibyo *Bimenyetso*, ndizera ko ariko byari bimeze. Kandi ubwo nari nkirimo kuvuga, binjiye mu cyumba cy'amateraniro, haza iyo Nkingi y'Umuriro, igendagenda hejuru aho hari icyuma gifata amajwi cyari kiri inyuma iguma hejuru yacyo. Nuko baragenda babona kamera bafata ifoto Yayo. Kandi ni yayindi, iri hariya, igaragaza urumuri rwayo hariya hejuru yacyo. Noneho turimo kuyagura, kugirango dushobore kuyishyira ku—ku cyapa kinini cyamamaza hanze, aho mushobora kuyibona.

²⁵ Twishimiye cyane ubuntu bw'Imana bwazanywe muri twe . . . muri twe mu Kugaragara Kwe muri iki gihe. Ubu twishimiye ibintu byinshi.

²⁶ Noneho ndatekereza ko nzitegereza hano nkareba niba nshobora kubona zimwe, zimwe mu nyandiko cyangwa bimwe, ibindi navuzeho. Cyangwa, mudushakire ubwoko runaka i—i . . . Nabonye inyandiko yanditse mu gitabo, uko byagenda kose, ngarutse hano. Niba nshobora kubona imwe, birashoboka ko Uwitaka azampa icyo mvuga ku bintu, mu gihe dusanga.

Noneho, turategereje kubwo ku Cyumweru.

²⁷ Nagiye mvuga mu butumwa. Kandi, ku Cyumweru, nabagumishije hano umwanya muremure, mvuga kuri: “Kubera iki mumpamagara Njyewe? Muvugane n'abantu hanyuma mukomeze.”

²⁸ Noneho, ku Cyumweru ni igikorwa cyo gukiza indwara aho abarwayi bagomba gusengerwa. Noneho, mwegere hafi

y'abarwayi, kandi hagomba kubaho impamvu zimwe zituma abarwayi, iyo tubasengera, niba badakize, kandi ndashaka, niba Uwiteka abishaka, kubw'inyigisho ngufi gusa ku cyumweru mu gitondo, kugira ngo . . . Rero, ngiye kugira umurimo wo gukiza indwara, kandi nsengere abantu bose. Kandi Billy Paul cyangwa bamwe muri bo bazaba bari hano ku Cyumweru mu gitondo, nka saa mbiri, itorero nirifungura, guha abantu amakarita uko binjiye mu muryango, cyangwa igihe cyose binjiye.

²⁹ Noneho ubu, noneho, ndashaka kugerageza, ndizera ko Umwami hari ukuntu yampaye ubushishozi buke akaba ari yo mpamvu ituma hariho abantu bamwe badakira. Kandi nanjye—nizera ko ari ukubura gusobanukirwa. Nanjye—Ndizera, ahari, tuzavuga kuri ibyo, ku Cyumweru mu gitondo, Umwami nabishaka.

³⁰ Noneho, kuwa Gatatu nijoro amateraniro y'amasengesho aba ari magufi aho duhura tugasenga, nk'uko tubigenza, kandi tugahurira hamwe.

³¹ Rimwe na rimwe, njye—njye nizera kimwe mu bintu bikomeye mbona muri iki gihe, ni ukubura umurava mu byo twemera. Murareba? Murareba? Iyaba Imana, mu gihe cya John Wesley, yari gukora muri icyo gihe ibyo yagakoze uyu muni, yari gukora iki; mu gihe cya Martin Luther, cyangwa n'ikindi gihe? Nk'ibyo tubona akora, byombi byemejwe n'Itorero, kubw'Umwuka, kandi kubwa siyanse, na buri rugendo rwose, ugu—ugu—n'ugusigwa kwaryo rigomba kubimenya. Kandi Ijambo ry'Imana hano rirabitangaza rikabivuga mbere y'uko bisohora. Hanyuma rigakomeza, maze rigahanura, ryerekana ikintu nyacyo We yavuze, kizasohora neza, neza icyo Yavuze. None turacyakomeje kwicara nk'abanebwe, nk'aho turimo kwibaza. “Ni byiza, ndibaza niba ibyo ari njye bisobanura? Ndibaza niba bishobora gusobanura gusa i—itorero, muri rusange? Cyangwa—cyangwa, ndibaza niba koko ndirimo?” Ntekereza ko, ku Cyumweru mu gitondo, nzagerageza kuvuga kuri amwe mu mahame ashobora kutumurikira bike.

³² Noneho, iri joro, nabonye ikintu, gusa mugihindukize hano, 'mbere y'uko nkinjiramo. Natekereje nti: “Byagenda bite iyo Mwene Data Neville, iyo nza kumanuka hariya, akambwira ati: ‘Haguruka uvuge,’ hanyuma nkicara gusa?” Murareba? Natekereje nti: “Ni byiza kwandika Ibyanditswe bibiri.” Kubera ko, ndabizi, we, ni umuvandimwe mwiza cyane, natwe—tutamushimira.

³³ Mbere yo gusengera Ijambo, ndashaka kumenya mwe—mwene Data. Ntabwo nshobora no guhamagara izina rye muri aka kanya, babiri muri bo. Barahari, inshuti zanjye. Ni . . . Ni abakozi n'abavugabutumwa, ku murimo, basohotse. Bumvise ubu Butumwa bakoresheje kaseti. Kandi bari mu madini atandukanye, abasore babiri. Kandi umusore arishimye, umwe

muri bo arishimye cyane, kugeza ubwo yamanutse akajya, i Tucson, vuba aha, agiye gusozza amateraniro. Ntekereza ko hari ku Ifunguro rya mu gitondo ry'Abagabo b'Abacuruzi. Nuko uwo musore, umusore mwiza, aramanuka. Kandi ni. . .

³⁴ Bakomoka muri Kansas. Nuko baza inzira yose hano kugira ngo mbashyingire. Ndabyishimiye. Gutekereza ko abantu bizera amasengesho yawe, bihagije, bizera ko Imana iyumva kandi igasubiza; urubyiruko rutangirira mu buzima, nka gutya. Kandi bageze hano ejo, kugira ngo mbashyingire, kugira ngo menye icyo amategeko ya Indiana asaba, ko hamwe n'ibyo harimo no gupima amaraso yabo, gutegereza hano muri leta, iminsi itatu, mbere y'uko bashyingirwa. Ntabwo rero bashobora gushyingirwa kugeza kuwa Gatanu mu gitondo.

³⁵ Ndasaba mwene Data hariya ku mpera, niba yabasha guhaguruka akatubwira uwo ari we, n'umudamu we mwiza cyane hariya, hamwe na mwene Data ukurikira.

³⁶ [Mwene Data aravuga ati: “Urakoze, Mwene Data Branham. Mfite amahirwe yo kuba ndi hano. Nanjye ndi Mwene So Roger O'Neil, utuye Kansas, uri mu rugendo rw'akazi, nk'umuvugabutumwa, uvuga ngo: 'Yesu arakiza, akiza abarwayi, kubwo kwizera Yesu...?...' Mporana umutwaro...?...Uyu ni umukunzi wanjye, Patricia Brown. Tugiye kurushinga, kuwa gatanu. Uyu ni umuvugabutumwa dukorana, Mwene Data Ronnie Hunt, hano hirya hahera. Uyu ni umukunzi we, Carol...?...kandi twishimiye kuba hano muri iri joro.”—Ubwanditsi.]

³⁷ Murakoze cyane. Twifuriye rwose aba ba ambasaderi bato, kubw'umurimo w'Umwami Yesu, imigisha y'Imana, kubihutisha mu rugendo. Kandi nk'uko nibaza, ntegereje ukuza k'Umwami, no kubona abasore n'inkumi bafite intego mu mutima, gukorera Kristo, biranshimishije, murebe, kubona bahaguruka gutya. Uwiteka abahe imigisha, mwene Data, mushiki wanjye.

³⁸ Noneho reka duhindukirire ku Gitabo gito ntigeze mvugaho mbere, mu buzima bwanjye. Kandi ni byiza cyane...Igice kimwe gusa, Igitabo cya Filemoni. Kandi ni i. . .

³⁹ Ndi umunya Irlande gato, kandi nanjye—kandi mfite insinga izengurutse amenyo yo hepfo, ngo zisubize anwe muri yo mu mwanya w'inyuma. Nda, nda, rimwe na rimwe ntabwo mvuga aya mazina neza, iyo ntazi ayo ari yo. Kandi rimwe na rimwe sinshobora kuyavuga neza, kubera kubura amashuri. Noneho, “Filemoni,” ni ko umuntu yavuze inyuma hariya, nkeka ko mu by'ukuri ari ibyo kuvuga neza.

⁴⁰ Noneho, umurongo wa 1, ndashaka gukuramo ijamba cyangwa abiri gusa.

Pawulo, imbohe ya Yesu Kristo, . . .

41 Kandi ni byo nshaka gukoresha iri joro, nk'inyandiko, Umwami nabishaka, ni: *Imbohe*.

42 Noneho, ntimushobora kwiyumvisha Pawulo ku byerekeye kuba ubwe ari imbohe. Umuntu-wavutse afite umudendezo, yuzuye Umwuka Wera, ariko nyamara akiyita “imbohe.”

43 None ubu tumenye ko, mu gihe arimo kubwira Abanyakorinti ati: “Pawulo, intumwa ya Yesu Kristo.” Ikindi gihe ati: “Pawulo, umugaragu wa Yesu Kristo ku bushake bw’Imana,” iyo arimo kuvugana na Timoteyo, aba atandukanye. Noneho igihe yandikiraga Filemoni yaravuze ati: “Pawulo, imbohe ya Yesu Kristo.” “Pawulo, intumwa,” Ndashaka kubibwirizaho mw’ijoro rimwe. “Pawulo, u—umugaragu,” kubwiriza kuri ibyo. Hanyuma, “Pawulo, imbohe.”

44 Ariko, iri joro, uko bimeze byafata amasaha kugira ngo tubashe gusuzuma neza imwe mu ngingo, Ndashaka gufata, iri joro, “Pawulo, imbohe,” hanyuma mfate ingingo ivuga ngo: *Imbohe*.

Noneho reka twunamishe imitwe yacu akanya gato.

45 Mwami Yesu, umuntu uwo ari we wese, ushoboye mu buryo bw’umubiri, ashobora gusubiza inyuma page ya Bibiliya, ariko Umwuka Wera wenyine ni we ushobora kubisobanura mu mucyo icyo bishatse kuvuga. Turamusabye kuza nonaha ngo adufashe kumva ibyo ari byo, ku byavuzwe, uyu muhanuzi ukomeye, ushoboye, Pawulo, nyamara yiyita “imbohe.” Umwuka Wera arabiduhishurira mu gihe tumutegereje, mw’Izina rya Yesu Kristo. Amina.

46 Noneho nshobora kwiyumvisha uko, Pawulo, igihe yandikiraga Filemoni iyi baruwa, ukuntu yari yicaye muri gereza, hepfo hariya muri gereza y’uyu mujyi, i—i—imbohe. Kandi yashoboraga kumenya neza, ukurikije umwanya we icyo iryo jambo risobanura. Yari akikijwe—n’u—n’uruzitiro. Yashoboraga kurekurwa gusa nk’uko umuntu yamurekura akidegembya. Kandi yari azi kuba imbohe icyo ari cyo. Hanyuma, nanone, nizera ko i—intumwa yashakaga kuvuga bike... ntabwo ari neza neza kuvuga ku byari biri kumubaho ako kanya, nk’imbohe u—umubiri we wicaye hano muri iyi—iyi gereza. Ariko ndizera ko yavugaga ibye—kubaho kwe, ibye—ibye—umwuka we, ubushake bwe, kuba imbohe ya Yesu Kristo.

47 Noneho, twese twaravutse, turi abakozi bigenga b’umudendezo, kugira ngo dufate icyemezo icyo ari cyo cyose twifuza. Imana irabikora. Kubera ko, Yo igomba gushyira abantu bose ku murongo umwe, cyangwa igashyiraho umuntu mubi ku... Yashyize umuntu wa mbere ku murongo w’urufatiro rutari rwo, Imushyira ku rufatiro rw’ubushake bwacu bwo kwihitiramo ibitunogeye. Murareba? Iri joro, tumeze neza neza, nka Adamu na Eva. Nta tandukaniro. Ibyiza n’ibibi byishyira

imbere ya buri wese muri twe. Ubuzima n'urupfu, dushobora guhitamo; biratureba, ni ahacu kubikora. Murareba?

⁴⁸ Ni bwo buryo Adamu na Eva bakoze, kandi, kubona, kandi—kandi bahisemo nabi. Noneho, kubw'ibyo, ishyira ubwoko bwose, bw'abantu, muni y'igihano cy'urupfu.

⁴⁹ Hanyuma, Imana yamanutse mu ishusho y'umuntu, ifata urwo rupfu, yishyura igihano cy'urupfu, ko... Abayobokeye Bayo bashakira ku—kubohoka bashobora kubohoka ku buntu.

⁵⁰ Noneho, niba Yaradufashe, itabigenjeje nk'uko yabigenje kuri Adamu na Eva, ikaba yaradukuye mu kintu runaka, ikavugaga iti: "Nzagukiza waba ubishakira cyangwa utabishakira," hanyuma igashyira Adamu na Eva—mu buryo butari bwo, murabona. Ariko buri wese muri twe agomba guhitamo, uyu muni, hagati y'urupfu n'ubuzima. Twabikora.

⁵¹ Nk'uko nabivuze, niba urumuri rwawe ruzagaragaza ubuzima bwawe, ruzerekana neza uruhande urimo. Sinzi uruhande uvuga ko urimo. Ibyo ukora, buri muni, byerekana icyo uri cyo. Wigeze wumva imvugo ishaje, "Ubuzima bwawe buraranguruye cyane, sinshobora kumva ubuhamya bwawe." Murareba? Iwawe—ibikorwa byawe birasakuza cyane.

⁵² Nahoraga nizera ibijyanye no kuvuza akaruru no gusimbuka. Ariko nakunze kuvuga nti: "Ntusimbukire hejuru kurenza uko ubaho, kubera ko isi izabyitegereza." Murareba? Ugomba gusimbuka hejuru bijyanye n'uko ubaho, bityo, kuko umuntu akwitegereza. Noneho ubwo...

⁵³ Abantu ntibazaza mu rusengero. Bo—bo, benshi muri bo, ntibazabikora. Kandi bamwe muri bo, batazaza, ni abanyakuri. Babonye ruswa nyinshi mu itorero, kugeza igihe badashakira kugira icyo babikoraho. Kandi inshuro nyinshi, turimo kuvuza ku bitekerezo byuzuye, ntushobora kubashinja, nimurebe, kubera u—uburyo abantu bakora. Biyita Abakristo. Ni igisitaza gikomeye isi yagize, umugabo n'umugore bavugaga ko ari Abakristo, kandi babaho ukuntu gutandukanye n'ibyo bakora. Ni byo rwose.

⁵⁴ Noneho, kubw'ibijyanye n'ibica intege bizaza mu gihe cy'Urubanza. Noneho, umunyabyaha, umujura, abakina urusimbi, abasambanyi, uwo—ntazabura kumva igihano cyo gisomwe, "Kujya mu muriro witeka." Ntazabura kucyumva. Ariko uwo mugenzi wawe ugerageza kwihisha inyuma y'umurimo runaka w'itorero, nguwo umuhungu ugiye gutungurwa ku Muni w'Urubanza. Murareba? Ibyo bivugaga ko ari Umukristo, kandi abaho mu bundi buryo. Byaba byiza kuri we kuba atarigeze akora umurimo uwo ari wo wose, atangira, kuruta gutangira no kubaho ukundi. Kubera ko, ni we gisitaza gikomeye dufite, ni kubw'uriya mwarimu uvugaga ko we—we—ari Umukristo, kandi abaho ukundi.

55 Buri gihe, ntukarebe ubuzima bwawe ushingiyeye ku mbaraga ufite zo gukora ibitangaza. Kandi ntitwisuzuma ubwacu duhereye ku bw'ubumenyi ufite bw'Ijambo. Ariko buri gihe mwisuzume, musubize amaso inyuma kandi mwigenzure murebe ubwoko bw'imbuto ubuzima bwanyu bwera. Murareba?

56 Nk'uko nabwirije hashize igihe, mu materaniro y'abacuruzi i Phoenix, muri Arizona, mvuga kubyo kwigaragaza kwa Yesu, byerekana Ubuzima bwa Gikristo. Navuze ko navukiye hano muri Kentucky, aho ni gakondo nyayo, cyane cyane nkiri umwana. Kandi uyu mwana muto muto ntabwo yigeze agira u—u—urugo nk'urwo dufite hano, aho twari dufite abadamu benshi beza bagomba kwireba mu ndorerwamo, mu nzu yose, basubiza umusatsi mu mwanya wawo, n'ibindi n'ibindi. Ariko yari afite indorerwamo ntoya, agace gato kashyizwe ku giti hanze, aho intebe yo gukarabiraho yari iri, aho nyina na se bogeraga, kandi bakahogoshera umusatsi wabo, n'ibindi, uhereye kuri kariya gace gato k'indorerwamo ishaje kashyizwe ku giti.

57 Mvugishije ukuri, ubwo ni ubwoko bw'iwacu twari dufite, niba hari umuntu ushaka kwireba mu ndorerwamo, twebwe abana, twagombaga gufata agasanduku tugahagurukira ku ntebe yo gukarabiraho, hanyuma tukareba muri iki gice cya ya—ya ndorerwamo natoraguye, nnyewe ubwanjye, mu kimpoteri. Ntabwo byari hepho aho muri Kentucky. Ni hano mu mujiyi wa Indiana, hakurya kuri Utica Pike hafi y'aho turi.

58 Noneho, uyu mwana muto ntabwo yari yarigeze yireba neza kuriya. Noneho, yari yaje mu mujiyi, gusura nyirakuru. Nuko kuri... Arimo gutembera mu cyumba, nyirakuru yari afite inzu ifite indorerwamo yuzuye ku rugi. Nuko rero, wa mwana muto, yiruka muri cya—cyumba, maze abona undi mwana muto imbere ye. Akana k'agahungu na ko kiruka. Rero yatekereje ko agomba guhagarara iminota mike akareba icyo uwo muhunganu muto agiye gukora. Amaze guhagarara, umwana muto nawe arahagarara. Ahindukije umutwe, umwana muto ahindukiza umutwe. Azunguje umutwe, umwana muto na we arawuzunguza. Hanyuma, yegera hafi, kugira ngo akore igenzura neza. Maze arahindukira. Nyina aramureba, na nyirakuru, barumirwa. Aravuga ati: "Kubera iki, mama, uriya ni njye."

59 Nuko ndavuga nti: "Natwe, dufite ikintu twerekana." Murareba? Ubuzima bwacu bugira icyo bugaragaza.

60 Noneho, iyaba twarabayeho mu bihe bya Nowa, ni uruhe ruhande twari guhereramo? Ni uruhe ruhande twari guhereramo muri iyo minsi ikomeye Nowa yabayemo? Ni uruhe ruhande twari gufata mu gihe cya Mose? Ni uruhe ruhande mu bihe bya Eliya, umuhanuzi, igihe isi yose yari yarahenengeye mu—mu rusobe rw'i—rw'ibigizweho, nka Yezabeli w'iki gihe, kandi yari

yarakuyeho abakozi bose b'Uwiteka abajyana mu nzira y'isi? Itorero n'abapadiri bose baramwunاميye. Wari gufata uruhande rwo gukundwa n'isi, cyangwa wari guhagarara ku ruhande rwa Eliya?

⁶¹ Noneho, mu bihe by'Umwami Yesu, mu gihe dutekereza kuri uyu Muntu udakunzwe n'isi, utarigishijwe n'isi, nta shuri bashoboraga kubona ko yagiyemo, kandi nta—nta n'uburambe bwa seminari. Kandi—nuko bazamurira izina ry'uko "yavutse bitemewe n'amategeko." Noneho arasohoka, aza yamamaza Ubutumwa Bwiza bunyuranye n'ikintu cyose bari barigishijwe. Cyane... Kandi twamagane abakozi n'amadini yabo, n'ibindi n'ibindi.

⁶² Kandi amadini yari yatanze i—i—itangazo ngo: "Nihagira umuntu uzajya kumva uyu wiyita umuhanuzi, azirukanwa mu isinagogi," ari cyo—cyaha cyica. Ni ko bagifataga. Gusa uburyo bashoboraga gusenga bwari muni y'amaraso y'intama. Bagombaga kuza muni y'iki gitambo. Kandi—kandi bari abirukanywe, kandi cyari ikintu gikomeye.

⁶³ Maze uyu Muntu yirengagiza ibintu nk'ibyo. Kandi nyamara Yari kumwe rwose n'Ibyanditswe Byera, ariko ntabwo byari mu buryo bari babizimo. Ni uruhe ruhande wari guhereramo? murareba? Noneho, ntukore... Ubuzima bwawe ubayeho ubu, bugaragaza noneho ibyo wari gukora icyo gihe, kubera ko ugifite umwuka umwe. Murareba? Niba ufashe urwo ruhande nonaha, hamwe nabo, ni nako wari kubikora icyo gihe. Kubera ko, umwuka umwe uri muri wowe ubu ni wo wari mu bantu icyo gihe. Murareba?

⁶⁴ Satani ntiyigera afata umwuka we; agenda gusa ku mugabo umwe ku wundi.

⁶⁵ Imana ntiyigera isubirana Umwuka Wayo, nta na rimwe; uva kuri umwe ujya ku wundi. Murareba?

⁶⁶ Rero, Umwuka w'ukuri wari kuri Eliya waje no kuri Elisha, ni Wo wari no kuri Yohana Umubatiza, n'ibindi.

⁶⁷ Umwuka Wera, wari kuri Kristo, ujya ku bigishwa, ubamanukira wose, kandi uracyari mu bantu. Murareba? Imana ntiyigera isubirana Umwuka Wayo.

Rero aho ni ho twasigaye, iraduhatira gukora amahitamo.

⁶⁸ Nanjye—sinshobora kubona hano aho Pawulo yicujije ikintu cyose, akavuga ko ababajwe n'uko yari imbohe. Ariko yari arimo kwivugisha... Nizera ko Pawulo, igihe yandikaga iyi baruwa n'ikaramu, ko Umwuka Wera ari wo wamuteye kwandika ibyo. Ibyo, birashoboka, ndetse no muri iri joro, kugira ngo dukuremo ubusobanuro bw'inyandiko yacu, kugira ngo twerekane impamvu Pawulo yabikoze. Kubera ko, ni Ibyanditswe Byera, kandi Ibyanditswe Byera ni iby'Iteka. Nizera ko, gushyirwa, muri iyi gereza ishaje, Pawulo yandikiye mugenzi

we hano, ko, mwene se, yari “imbohe ya Yesu Kristo.” Rero, yashoboraga kubigaragaza abonye ibimukikije. Noneho, yari muri gereza, ariko ntabwo ari byo yavugaga, ibi—uyu mugaragu wa Kristo, umukozi hamwe na we. Yavugaga ko yari imbohe y’Ijambo rya Yesu Kristo, ’kuko Kristo ari Ijambo.

⁶⁹ Kandi Pawulo yari intiti ikomeye mu gihe cye. Yari afite icyifuzo gikomeye. Yari u—yari u—u—umugabo wari waratojwe hamwe ku... kubw’abantu, na mugenzi we witwa Gamaliyeli, wari umwarimu ukomeye w’igihe cye, rimwe mu mashuri akomeye yashoboraga kujyamo. Urugero, nk’uko twavuye, Wheaton, cyangwa Bob Jones, cyangwa ishuri runaka rikomeye. Yari yarigishijwe nk’u—nk’u—nk’umukozi wigisha Ijambo. Kandi yari yarize neza, kandi afite ubwenge, ni umuhungu w’umunyabwenge ufite icyifuzo gikomeye ko wenda umunsi umwe azaba umuvugabutumwa cyangwa umutambyi mukuru ku bantu be.

⁷⁰ Yari afite icyifuzo. Hanyuma kugira ngo mubone, ko, ibyo byifuzo bikomeye yari yaratojwe, kandi yabimazemo ubuzima bwe bwose, kuva wenda imyaka hafi umunani cyangwa icumi, kugeza kuri mironko itatu cyangwa mironko itatu n’itanu, ubwo yari arangije kaminuza ahawe dipolome; kandi yari afite dipolome zose n’ibintu byose, kandi yahagaze neza hamwe na bose a—abayobozi b’amadini, ndetse no ku mutambyi mukuru i Yeruzalemu. Yari afite amabwiriza aturutse kuri we, amategeko ye bwite, yanditse, kandi yiringirwa na Sawuli wari ukomeye, “amanutse i Damasiko asanga abari hepfo bose basenga Imana bitandukanye n’ibyo yavuze, nuko arababohya maze abashyira muri gereza.” Bibaye ngombwa, yari afite itegeko ryo kubica, iyo abishaka. Yari... Yari afite icyifuzo gikomeye.

⁷¹ Noneho, ibyo yari yaratoje byose, Imana yari yabimukuyemo byose. Murareba? Kandi intego yari afite, n’icyo se yari yarishyuriye amafaranga ye, n’ibyifuzo bya se na nyina, byose byari byaramwambuwe kubera ko—ko Imana yari ifite ikindi kintu. Kubw’ibyo, yari imbohe y’umugambi we yari afite mu buzima, kandi yari yarabaye imbohe ya Yesu Kristo, We wari Ijambo.

⁷² Iyo nzira ijya i Damasiko yahinduye Pawulo. Amanuka, nka saa tanu zuzuye, wenda, ku manywa, ubwo ni bwo yakubiswe. Yumva Ijwi, rivuga riti: “Sawuli, urandenganyiriza iki?” Nuko yubura amaso. Nuko yubuye amaso, kuba yari Umuyahudi, yamenye ko Inkingi y’Umuriro ari Uwiteka wayoboye Abisiraheli, kuko yari azi ko ibyo Byari ibyo.

⁷³ Mwibuke, uyu Muheburayo ntiyari yarigeze agira ikintu na kimwe ahamagara “Umwami,” mu nyuguti nkuru U-m-w-a-m-i, Elohim keretse amaze kunyurwa n’ibyo Ari byo, kuko yari intiti yatojwe. Amaze kubura amaso, abona Ibi, Umucyo, Inkingi y’Umuriro yari yarayoboye ubwoko bwe mu butayu,

nuko aravuga ati: “Mwami,” Elohim, inyuguti nkuru M-w-a . . . “Mwami, uri Inde?”

⁷⁴ Mbega ugutungurwa kugomba kuba kwarabaye kuri uyu munyatewolojiya, kuvuga ati: “Ndi Yesu,” Umwe yarwanyaga cyane. Mbega—mbega impinduka! Yoo! Yoo! Bigomba kuba byari ibintu biteye ubwoba kuri uyu mugabo, ku buryo ibyifuzo bye byose yari afite, kugira ngo abigereho, byose icyarimwe, yaratotezaga. Ibyifuzo bye byari byaramugejeje ahantu—ahantu kure cyane y’ibintu nyamukuru yagombaga gukora. Kandi mbega i—ihungabana rikomeye ryabaye, kuri iyi ntumwa, igihe Yavugaga ati: “Ndi Yesu,” Umwe yatotezaga cyane. “Kubera iki undenganya?”

⁷⁵ Irindi jambo rito dushobora guterera hano. Murabona, mu gihe basebya Itorero, ntabwo rwose baba basebya Itorero, baba basebya Yesu. “Kubera iki undenganya?” Ni gute Pawulo ashobora, n’ubwenge bwe bwose, kwizera ko Iri ryari . . . ko iri tsinda yatotezaga ari ryo Mana nyayo yavugaga ko akorera? Ntekereza ko ari ibyo, tutiriwe tujya mu buryo burambuye, ngira ngo twese twatojwe neza bihagije kugira ngo tumenye icyo nshaka kuvuga hano. Ibyo ni byo birimo kubaho uyu munsu.

⁷⁶ Pawulo, anyuze mu bujiji, byatumye amenya ubwenge busobanutse, ubwenge burenze ubwo Abanyagalilaya batize bamwe yatotezaga, bamwe bicishaga bugufi bakemera uyu Mugabo nk’Umwami. Ariko, Pawulo, mu byigisho bye bikomeye n’ubwenge bwe, ntabwo yashoboraga kubyemera. Mbega impinduka zamubayeho, kuri iyi nzira. Nuko ahindurwa impumyi, bituma adasohozza inshingano ze, ariko bamujyana ahantu mu muhanda witwa Straight, mu nzu y’umuntu umwe . . .

⁷⁷ Nuko aho hepfo hanyura umuhanuzi, witwa Ananiya, wabonye mw’iyerekwa, amanuka, abona aho yari ari, aramanuka ajya aho yari ari, arinjira. Nuko aravuga ati: “Mwene Data Sawuli, Uwiteka yakubonekeye ku nzira imanuka; yanyohereje, kugira ngo nkurambikeho ibiganza byanjye, kugira ngo wakire guhumuka kwawe maze wuzure Umwuka Wera.”

⁷⁸ Reba aho yari ari. Mbega i—mbega ikintu kigomba kuba cyarabaye kuri Pawulo! Murabona? Ibyo yari yaratojwe gukora byose ni byo byamubayeho. Ubu rero, hamwe—n’uburere bwose yari afite, ni—byari bimaze kuba ubusa kuri we.

⁷⁹ Noneho, yari azi ko afite uburambe. Hano rero hari irindi somo ryiza kuri twe, ko, uburambe bwonyine budahagije. Bugomba kuba uburambe ukurikije Ijambo ry’Uwiteka. Noneho, abonye ibi, kandi akamenya ko cyari Ikintu gikomeye, noneho, hakaba hari undi muntu wacyakiriye mbere ye, yafashe imyaka itatu n’amezi atandatu mu—butayu muri Arabiya; gufata—Bibiliya, nk’uko Yari imeze icyo gihe, Isezerano rya Kera, no

kumanuka hariya, ku—kugereranya ubunararibonye yari afite, ngo arebe niba Byari Ibyanditswe.

⁸⁰ Noneho tuvuge iki niba yaravuze ati: “Ni byiza, ndakeka ko ibyo byari akantu gato kahise,” karakomeza? “Ngi—ngiye gukurikiza ubwenge bwanjye”?

⁸¹ Noneho, yagombaga kubohereza ku kintu runaka, imfungwa. Nyuma rero yo kubigereranya, no kubona, nta gitangaje ko ashobora kwandika Igitabo cy’Abaheburayo, mu buryo bumwe. Murabona? Imyaka itatu n’igice ari aho, ahagaze mw’Ijambo, no kumenya ko Imana nyayo yamuhamagaye ikamusubiza inyuma, kandi igahindura ubwenge bwe bwose, igahindura ibyo yatekereza byose, icyo yatorejwe kuba. icyifuzo cyo cyose, gusa yakimuhanaguyemo, maze ahinduka imbohe. Urukundo rw’Imana rwari rwinsi cyane, kandi iryo hi—ihishurirwa, ryatumaga adashobora kujya kure yarwo.

⁸² Ni bwo burambe nyabwo bwa buri mwizera nyawe uhuye n’Imana. Wowe—uhura n’ikintu gikomeye cyane, ku buryo wowe . . . ku buryo—ku buryo uhinduka i—imbohe, ku bindi bintu byose. Murabona? Wowe—usohoka mu bintu byose, kugira ngo wibohere kuri Ibi.

⁸³ Byerekanwe rimwe aho Yesu yavuze ati: “Ubwami bwo mw’Ijuru ni ikintu kimeze nk’umuntu ugura amasaro. Noneho iyo abonye iryo Saro rikomeye, agurisha andi yari atunze yose, kugira ngo abone Iryo rikomeye.”

⁸⁴ Kandi iyo ni yo nzira hano. Wowe—ufite igitekerezo cy’ubwenge, ufite u—u—u—uburambe bwa tewolojiya; ariko iyo bigeze mu gihe wowe—u—ubona rwose Ikintu nyacyo, wowe—ugurisha gusa ibindi byose, kandi ukifungira muri Ibi.

⁸⁵ Pawulo yari azi ibyo ari byo. We—yamenye ko hari kintu yaboheweho. Nk’uko dushyira i—i—ifarashi ku murunga, ni ugu—ni ugukurura ikintu. Kandi Pawulo yari azi, nyuma y’ubu bunararibonye, n’imyaka itatu n’igice yo kwandika u—uburambe yagize, hamwe na Bibiliya, yamenye ko Imana yamutoranyije kandi ikamubohesha Umwuka Wera, ubunararibonye yari afite, gukururira Ubutumwa bwiza mu Banyamahanga. Umwuka, Ubwawo, waramuboshye.

⁸⁶ Kandi, uyu muni, nk’abakozi ba Kristo, duhinduka imbohe, turaziritse. Ntidushobora kugenda. Twinjiye muri Ryo, tuziritse kw’Ijambo. Tutitaye ku byo undi muntu wese yavuga, tubohereza kuri Ryo. Hariho ikintu cyerekeranye na Ryo, ku buryo udashobora kujya kure yaryo. Mwahujwe na Ryo, n’Umwuka Wera, wabahuje n’Ijambo. Kandi mutitaye ku byo undi muntu wese yavuga, Ni Ijambo, buri gihe. Yahwanye na Ryo, yishyize mu bumwe na Ryo, mw’Ijambo, kubw’Umwuka, yaraboshywe.

⁸⁷ Yari yarigiye i—inyuma y’Ubutayu bw’Abarabu hariya, mu gihe, ibintu bye byose bya kera, n’ubunararibonye, n’ibifuzo, ibyo, yari yariyambuye ibyo bintu.

⁸⁸ Noneho, aho ni ho dusanga, uyu muni, tugomba kwamburwa, mbere. Kandi abantu ntibashaka kwamburwa. Mwene Data w'Umumetodisite arashaka kwihagararaho gato kubyo yigisha bya Metodisite. Aha-ah. Mwene Data w'Ababatisita arashaka gukomera ku nyigisho ze z'Ababatisita. Murareba? Ariko mugomba kwamburwa rwose ibintu byose, hanyuma mukavuka ubwa kabiri, bundi bushya. Kandi mufatire aho, reka Umwuka Wera ayobore. Ntimushobora kuvuga muti: "Ni byiza, noneho, data—data yaravuze ngo, ubwo yinjiraga, ubwo yinjiraga mu rusengero, yahanye ikiganza na pasiteri. We, ni umunyamuryango mwiza wizerwa." Ibyo bishobora kuba byari byiza ku bwoko bwe, ariko turi irindi shyanga. Murareba? Noneho tugomba kugaruka mu bihe bya Bibiliya kuri uyu muni.

⁸⁹ Abapadiri na bo barakoreshezwaga. Ariko, murabona, bari baje mu kindi gisekuruza, na bo ba—bananiwe kwiyambura ibikoreshe byabo bishaje ngo bashyireho ibikoreshe byo kuzirika bishya.

⁹⁰ Kandi ni cyo cya kintu kimwe tubona uyu muni. Twanyuze mu gisekuruza cy'amadini, nk'uko twabigaragaje mu gisekuruza cy'itorero, Bibiliya, ndetse n'ibindi, ariko ubu tugeze mu gisekuruza cy'ubuntu, aho Umwuka Wera Ubwe yamanutse akigaragaza Ubwe, kandi arimenyekanisha, agatanga amasezerano yose We yasezeranije, agasohora. Yoo, mbega! Mbega ibihe byiza!

⁹¹ Kandi yari azi ko, ikindi kintu, yari azi ko atashoboraga kujya ahantu, ko, gukoreshwa kuri Ibi, ko atashoboye... ko yabikoze, ariko nyamara yashakaga kugenda. Yari azi ko icyifuzo cye cyamukururiye muri bene Data aho yari yatumiwe kuza, kandi nyamara yahatiwe n'Umwuka gukora ikindi kintu. Ntiyari uwe.

⁹² Ahari umuntu ashobora kuvuga ati: "Mwene Data Sawuli, Mwene Data Pawulo, turashaka ko uza hano, kuko twabonye itorero rinini. Twabonye itorero rinini. Amaturo yawe azaba menshi, n'ibindi n'ibindi."

⁹³ Ariko guhatirwa mu Mwuka, yaratekereje ati: "Nabonye mwene Data hariya. Ndashaka gutambuka ngakiza uyu mwene Data, nkamugeza ku Uwiteka." Ariko, nyamara, Umwuka yamuhatiye kujya ahandi. Yari imbohe. Ni byo.

⁹⁴ Mana, duhindure nk'izo mbohe, duheraye ku byifuzo byacu byo kwikunda, kandi duheraye ku manza zacu bwite hamwe n'uburyo bwiza bwo gutekereza, kuba imbohe ya Yesu Kristo. Ntekereza ko ayo yari amagambo akomeye, ngo: "Ndi imbohe ya Yesu Kristo."

⁹⁵ Kandi mwibuke, Ni Ijambo. Murabona? Ntitaye ku cyo undi wese atekereza, ni Ijambo. Murabona? Niba muri imbohe y'Ijambo, nta dini rishobora kubahindura. Ni—ni Ijambo. Uri

gusa...Uri imfungwa kuri Ryo, ni ibyo. Ugomba gukora uko Rikora.

⁹⁶ Noneho, ntabwo yashoboraga kuja ahantu runaka yashakaga, kuko (kubera iki?) Umwuka yamubujije. Muribuka, inshuro nyinshi, iyo Pawulo yageragezaga kuja ahantu runaka, yaratekerezagaga ati: “Hari ahantu nakwitabira amateranir akomeye,” ariko Umwuka yagombaga kumubuza. Noneho, ibyo se birabivugaga neza kandi bigahamya ko Pawulo yari imbohe? Imbohe kuri Yesu Kristo, ibohye kw’Ijambo Rye, n’Umwuka! Yoo! Ibyo ndabikunda. Aha-ah.

⁹⁷ Yari aboshye. Yaboheshejwe umunyururu, n’imirunga y’urukundo, gukora ibyo Imana ishaka, ibyo gusa. Yari imbohe. Yari mu ngoyi z’urukundo. Yari abohye kuri Kristo. Nta kindi yashoboraga kubohamwa nacyo. Yabohanywe na We. Kandi aho Umuyobozi yajyaga, ni ho yagombaga kuja. Hatitawe ku kuntu urwuri rwari icyatsi kibisi, hano kuri *uru* ruhande cyangwa kuri *ruriya* ruhande, yagombaga kunyura mu nzira Umuyobozi yanyuzemo n’umurunga.

⁹⁸ Yoo, iri joro, niba twe, nk’Urusengero rwa Branham, twashoboraga kuba imfungwa gusa; ku mibereho yacu bwite yo kwikunda, ku cyifuzo cyacu, kugira ngo dushobore kwiyibagirwa byimazeyo maze tubohamwe na We. Tutitaye ku cyo indi si yose itekereza, icyo indi isi yose ikora, twaboheshejwe iminyururu y’urukundo, turi imbohe. “Ibirenga byanjye bibohewe kuri Kristo, ntabwo bizabyina. Amaso yanjye abohewe kuri Kristo, kugeza igihe mbo, iyo mbonye abo babyinnyi bagezweho biyambitse ubusa ku muhandu, bindya mu mutwe. Umu—umutima wanjye ni uko waboheshejwe urukundo kuri We, kugeza ubwo ntagishobora kugira urukundo rw’iyi si. Ubushake bwanjye bubohewe kuri We, kugeza ubwo ntakimenya ibyifuzo byanjye ibyo ari byo. Gusa, ‘Aho uzerekeza hose, nzagukurikira, Mwami.’ Nzaba imbohe.” Murabona?

⁹⁹ Pawulo yari imbohe neza. Ntabwo yigeraga avuga amagambo mabi. Yatojwe n’Umwuka Wera, na none, gutegereza kw’Ijambo. Noneho, yari yaratojwe inzira imwe, ariko—ariko Imana yari yaramutoje ubundi buryo. Yatojwe n’Umwuka Wera gutegereza Umwami, atitaye ku byifuzo bye uko yaba yifuza kose.

¹⁰⁰ Noneho ngiye, mfashijwe n’Umwuka Wera, kubereka ikintu. Murabona? Noneho mureke dufate urugero.

¹⁰¹ Umunsi umwe, Pawulo na Sila, bamanutse mu muhandu mu mujyi runaka aho bari bakoreye ububyutse. Nuko umukobwa muto, yari yaziritswe n’amadayimoni akomeje kumukurikira, atakira muri we. Kandi nta gushidikanya ko icyo Pawulo yari azi ni uko yari afite ubutware, nk’intumwa, bwo gucyaha uwo mwuka mubi ukava muri uwo mukobwa. Ariko se mwitegereje neza? Yategereje, umunsi ku wundi, kugeza ubwo, mu buryo

butunguranye, Umwuka Wera wavugiye muri we uti: “Iyi ni yo saha.”

¹⁰² Nuko aravuga ati: “Wowe mwuka, sohoka muri we.” Murabona? Yamenye gutegereza Uwiteka.

¹⁰³ Kandi aho ni ho abantu benshi cyane muri iki gihe bahabanya n’Ijambo. Basohokana icyifuzo. Ni ububuyutse bungahe bwaretswe kubera ikintu nk’icyo, kubera ko umubwiriza adategereza ngo abanze abone icyo Uwiteka ashaka kuvuga! Bamwe muri bo baravuga bati: “Muze hano,” nuko nabo ba—bakagenda ako kanya kuko i—ishyirahamwe ryavuze riti: “Mugende.” Kandi Umwuka Wera yavuga ikindi kintu gitandukanye. Nyamara, icyifuzo cy’umuntu cyo kuba akuriye leta, cyangwa—cyangwa ikindi kintu, cyangwa umusaza, cyangwa umwepisikopi, cyangwa ikindi kintu—cyamukurura, “Ugomba kugenda.” Kandi, ubwo, aba abizi neza. Umwuka Wera akavuga ati: “Nyura *hano*.” Murabona? Yiziritse ku idini rye. Ni imbohe y’idini.

¹⁰⁴ Ariko iyaba yariboheye kuri Kristo, ayobowe n’Umwuka Wera. We...?...Murabona? We, araboshye, ni imbohe. Ntugire icyo uhindura ku byo ikindi kintu cyose kivuga; ni—ni i—ni i—ikondera rivuga n’inzogera zirangurura. Yumva Ijwi ry’Imana gusa, kandi avuga gusa iyo risohotse. Araceceka.

¹⁰⁵ Umuntu umwe aravuga ati: “Yoo, yoo, Mwene Data Jones!” Cyangwa, ngaho, Mwene Data Roberts, cyangwa bamwe, aba bantu bakomeye mu gihugu cyacu uyu muni, nka Tommy Hicks, cyangwa—cyangwa—cyangwa Oral Roberts, cyangwa—cyangwa Mwene Data Tommy Osborn, bamwe muri abo bavugabutumwa bakomeye. Niba hari umuntu wavuga ati: “Akavuga ngo, ngwino hano, Tommy. Uri umuntu ukomeye w’Imana.” (Cyangwa Oral.) “Kandi na—nabonye nyi—nyirarume aryamye hano, ibyo—ibyo byose biramuhambiriye. Kandi ara—ararwaye. Ndashaka ko uza. Nizera ko ufite imbaraga zo kumukiza.” Murabona?

Kandi birashoboka ko Umwuka Wera yamubwira ati: “Ntabwo ari ubu.”

¹⁰⁶ Ariko, nyamara, ku bucuti bw’uwo mugabo, inshingano ze zimutegeka kugendana na we. Niba atabishoboye, ahinduka umwanzi w’uriya mugabo. Uwo mugabo aravuga ati: “Ni byiza, yagiye *gutya-na-gutya*, gukiza uriya mwana cyangwa uriya muhungu. Nzi ko yabikoze. Kandi nari inshuti ye, imyaka, reba, kandi ntabwo yari kuza iwanjye.”

¹⁰⁷ Ariko niba ategetswe n’Umwuka Wera kutagenda, ibyiza ni ukutagenda, niba yariboheye ku Mana. Inshuti ye, akunda. Ariko ni byiza ko ayoborwa n’Umwuka Wera kugira ngo ajyeyo, kuko ntacyo bitwaye, uko byagenda kose. Narabyiboneye inshuro nyinshi.

¹⁰⁸ Ariko Pawulo yategereje gusa Umwuka amubwira icyo gukora. “Tegereza Umwuka,” ni ko yavuze. Yahagaze

ijoro rimwe, abwiriza, agendagenda aho, abona umuntu wamugaye. Ako kanya, Umwuka aramuvugisha, aravuga ati: “Ndabyumva...” Ni gute? Nk’uko yabonaga bagiye kwangirikira, ku kirwa. Murabona? “Ndumva ko ufite kwizera ko gukira. Haguruka ku birenge byawe. Yesu Kristo yagukijije.” Murabona? Aho ni ho muri. We—yari—yaraboshye. Hashobora kuba hari hashize icyumweru cy’ububutse kandi nta kintu cyabaye, ariko nyamara yategereje ko Umwuka Wera uvuga. Murabona? Yabohewe kuri ubwo bujirire.

¹⁰⁹ Noneho mwavuga muti: “Mwene Data Branham, uravuguruzza ibyo wavuze ku Cyumweru, ku byerekeye gutegereza iki gihe cyose.”

¹¹⁰ Kandi, ariko, muribuka, Umwuka Wera ni wo wambwiye ndi hariya mu nzira, uti: “Ndagusubiza inyuma mu barwayi n’abababaye.” Murabona? Ni ukumvira Umwuka Wera. Ni byo. Ntabwo nagiye kugeza igihe Umbwiye ngo mbikore. Nari ntegereje UKU NI KO UWITEKA AVUZE, kugeza mbonye UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Noneho, ibyo biratandukanye. Murabona? Noneho, Murabibona, Ibyo bigira itandukaniro. Yego.

¹¹¹ Yategereje Ijambo ry’Uwiteka. Yasunikiwe mu Mwuka, gukora ibyo Imana yategetse gusa, noneho aba imbohe ya Yesu Kristo. Nshuti, iyaba twashoboraga kuba imbohe gusa!

¹¹² Nzi ko hashyushye. Ariko nda—ndashaka kuvuga andi mazina y’imico ibiri, niba mubishaka. Mfite hafi inyandiko zigera kuri esheshatu cyangwa umunani nanditse hano. Ariko na—nashakaga kuvuga undi mucu umwe cyangwa ibiri.

¹¹³ Reka dufate imico ya Mose. Yavutse ari umutabazi. Kandi ya—ya—yari azi ko, ko yavutse ari umutabazi.

¹¹⁴ Ariko mbere yo kuvuga ibya Mose, ndashaka kuvuga aya magambo, ko, Imana igomba buri gihe gufata umuntu uwo ari we wese, uzayikorera by’ukuri, kugira ngo ayibere imbohe. Umuntu agomba kwirengangiza ibyifuzo byose afite, icyo yaba ari cyo cyose, buri—buri kintu, ubuzima bwe, ubugingo, umubiri, ubushake, ibyifuzo, n’ibindi byose, hanyuma akaba imbohe yuzuye, imbohe ya Kristo, Ari We Jambo, gukorera Imana.

¹¹⁵ Ushobora kugenda unyuranyije n’ubushishozi bwawe bwiza. Ahari, mw’idini runaka, ushobora gutekereza ko bashobora kuguterura bakaguha ikintu gikomeye, kugira ngo ubashe gutanga urumuri. Ariko se wowe ubwawe usangayo iki? Usanga wowe ubwawe watsinzwe, nyuma y’igihe gito, kugeza igihe Imana ishobora kubona umuntu witeguye kuyibera imbohe.

¹¹⁶ Imana irashaka imbohe. Buri gihe ni ko ikora. Ushobora kubishakisha ukoresheje Ibyanditswe. Umuntu agomba kuba imbohe kuri Kristo, kurwanya ikintu icyo ari cyo cyose. Kubw’ibyo, ntushobora guhuzwa n’ibindi byose uretse Kristo; ndetse na so, nyoko, murumuna wawe, mushiki wawe, umugabo

wawe, umugore wawe, umuntu wese. Uhujwe na Kristo gusa, kandi We wenyine, noneho Imana iba ishobora kugukoresha. Kugeza icyo gihe, ntushobora.

¹¹⁷ Gusohoka, rimwe na rimwe bivugisha abantu nabi. Murabona? Nda—ndagerageza kugupfobya. Ugomba kugira ahantu utangirira, nk'igihe kimwe ugahamagara abagore bogosha umusatsi kandi bambaye iyi myenda, nuko bagakomeza umwuga wabo wa Gikristo. Bakavuga bati: “Icyo ni ikintu gito.” Ni byiza, ugomba gutangirira ahantu runaka. Tangirira rero aho ngaho, hamwe na ABC yawe. Murabona? Kandi ugabanye isura y'isi, uko byagenda kose, hanyuma ube imbohe ya Kristo. Noneho komeza gusa, gabanya ibintu byose, kugeza ubwo amaherezo umurongo wa nyuma uciwe. Noneho ukaba—ukaba—ukaba imbohe noneho, ukibona mu maboko Ye, We—Yakwifatiye mu maboko Ye.

¹¹⁸ Noneho, Mose yari azi ko yavutse ari umutabazi. Yari abizi. Kandi mwabonye, hamwe n'icyifuzo Mose yari afite; azi ko nyina yari yamubwiriyeye hariya, nk'uko yari umuforomo we.

¹¹⁹ Nta gushidikanya, igihe Mose umwana muto yavukaga, nyina yaravuze ati: “Urabizi, Mose, igihe . . . Papa wawe, Amram, narasengaga buri kanya. Twari tuzi, kandi bigaragara mu Ijambo, cyari igihe kigeze cyo kuza k'umutabazi. Twarasenze tuti: ‘Mwami Mana, turashaka kubona uwo mutabazi.’ Ijoro rimwe, Uwiteka yarutubwiye, mu iyerekwa, ko uzavuka, kandi ko uzaba umutabazi. Ntabwo twatinye itegeko ry'umwami. Ntabwo twitaye ku byo umwami yavuze. Ubwo, twamenye ko wavutse uri umutabazi. Noneho, Mose, twari tuzi ko tudashobora kukurera neza.”

¹²⁰ Noneho ibuka, bari barageze hepfo aho, bamaze imyaka magana ane muri Egiputa. Murabona?

¹²¹ “Natwe twa—twashakaga kubona i—ikintu cyiza, uburere bukwiye, amahugurwa akwiye. Noneho, naragufashe ngushyira mu nkuge ntoya, maze nkujyana muri Nili. Mbega ibintu bidasanzwe ukuntu umuraba, watembanye iyo nkuge ntoya mu miseke no mu rubingo, ukayimanura epfo, ku bilometero byinshi, hanyuma ukayerekeza ku ngoro ya Farawo, aho u . . . umukobwa wa Farawo yari ari, aho yogeraga. Kandi uburyo nari—nari nzi ko akeneye umugore wo kukurera.”

¹²² Kandi muri icyo gihe, byanze bikunze, ntabwo bari bafite izo nkongoro zo kurera abana, yagombaga rero kugira u—umuntu wo kumwitaho. Noneho . . .

¹²³ “Kandi, Miriyamu, naramwohereje. Ahagarara aho, maze aravuga ati: ‘Nzi aho nshobora kubona umuntu wo kumurera,’ nuko aza kunshaka. Kandi, Mose, inzugi zose zarafunzwe. Mukundwa, ufite imyaka cumi n'itandatu ubungubu, kandi uzaba umuhungu wa Farawo. Kandi umunsi umwe uzaba umutabazi ugiye kuzakura abantu hano.”

¹²⁴ Ibyifuzo bya Mose bitangira gukura. “Nziga, mama. Nziga ibyo nshoboye byose. Uzi icyo nzakora? Nziga uburyo bwo kuba umusirikare, kandi nzamenya uburyo nzavana aba bantu hano. Nzaba umujenerali ukomeye, umuyobozi mukuru w’idini, kugeza igihe menye uko bikorwa. Kandi nzabikora—Nzabakurayo. Nzahabwa impamyabushobozi yanjye y’ikirenga muri Filozofia Ph.D cyangwa mu ndimi LL. Nza—nzabikora.”

¹²⁵ Nka “Padiri Chiniquy,” niba warigeze gusoma ibitabo bye. Ni byo. Arimo “kujya gutabara Abaporotestanti bose,” urabizi, kandi ahinduka umwe muri bo, we ubwe. Rero, uyu mupadiri ukomeye, mu myaka yashize, “Padiri Chiniquy,” ugomba kubona igitabo cye ukagisoma. Bamwita, “padiri.” Ni umuvandimwe Chiniquy gusa, ni ko byari bimeze. Nta muntu n’umwe dukwiriye kwita “padiri,” nka gutyo. Turabona—ko twe... We yagiye gusoma Bibiliya, bityo yashoboraga gusohoka akanyomoza idini ry’Abaporotesitanti akabahindura Abanyagatolika bose. Amaze gusoma Bibiliya, Umwuka Wera uramumanukira, abona Umwuka Wera, hanyuma—noneho ahinduka umwe muri bo.

¹²⁶ Noneho rero mumenye ibi, ko Mose yabonye imyitozo yose. Kubera ko, we—yari abizi. Yari umunyabwenge cyane, yari yarize cyane, afite ubwenge! Kugeza ubwo, nta muntu n’umwe... We yashoboraga no kwigisha Abanyamisiri. Kugeza ubwo, yashoboraga kwigisha abahanga babo mu bumenyi nyamuntu. Yashoboraga kwigisha ibyabo—abajenerali babo abasirikare abo ari bo bose. Yari umuntu ukomeye. Abantu batinyaga Mose, kubera ubuhangange bwe. Yoo, buruse nk’iyi! Mbega! Yari umuyobozi mukuru w’idini, cyangwa wenda nka papa. Yari umuntu ukomeye. Kandi yari u—u—umuntu ukomeye. Kandi yari azi ko yavukiye gukora ibi, maze arabatoza, abishaka cyane, kubigeraho.

¹²⁷ Nk’uyu muni. Simvuze ko abagabo, baherewe imyitozo muri aya mashuri, si ko mvuze... Nk’uko bari, hanze hano mu Burengerazuba, nonaha, bagiye kubaka amashuri ya tewolojiya afite agaciro ka miliyoni ijana na mirongo itanu, Murareba, Abapenekositi, ija-... ishuri rifite agaciro ka miliyoni ijana na mirongo itanu z’amadorari. Kuri njye, ibyo bigomba kuba iby’abamisiyoneri bari mu murimo. Murareba? Murareba? Murareba? Ariko, ibyo ari byo byose, bakora iki iyo basohotse? Ni iki? itsinda ry’aba Rickys. Ni byo rwose. Uko ni ko basohoka. Buri gihe rifite, bamwe muri bo basigaye, kandi uwo ni wo wa murungo umwe. Murabona?

¹²⁸ Noneho tumenye, ko, igihe, Mose, yari mu mahugurwa ye yose, kandi uyu muni, hamwe n’amahugurwa yose, gushyiraho abayobozi b’idini bakomeye n’ibindi, icyifuzo gikomeye, icyifuzo kinini, tuzakora iki? Ibyifuzo byacu bihinduka nk’uko Mose yari ameze. Murareba?

¹²⁹ Imana, mbere y’uko ifata uwo mugabo mu biganza

Byayo, Yagombaga kumwambura icyifuzo cye. Yagombaga kumwambura ubumenyi bwose yavanye mu mahugurwa atandukanye.

¹³⁰ Arasohoka, maze aracungura; yica Umunyegiputa. Na we, amaze kubikora, amenya ko yakosheje. Ntiyagombaga kubikora. Si ko yagombaga kubigenza. Imana yagombaga kumujyana mu misozi, mu butayu, mu butayu, ahantu h'ubutayu.

¹³¹ Murabona, ubwoko budasanze, ni gute abo bavandimwe, abo Imana yari ifitiye ubutumwa, yabajyanye mu butayu.

¹³² Yajyanye Pawulo mu butayu, kumutoza, kumubwira iryo yerekwa rikomeye icyo ari cyo, iramusohora imujyana mu butayu. “Sohoka ujye mu butayu runaka.” Kandi yagumyeyo kugeza igihe Imana imenyekanishije bihagije icyo gukora.

¹³³ Igihe cya Mose, Yamujyanye mu butayu. Imugumishaye imyaka mirongo ine, imukuramo tewolojiya ye yose n'ibiyifuzo bye byose. Yoo, mbega igihe, ubwo yabashaga gusubiza amaso inyuma akabona gutsindwa kwe. N'uburyo twebwe, iri joro, dukwiye gukora gutyo, mu gihe tubonye ibyi—ibiyifuzo byacu.

¹³⁴ Murebe cya giterane cyo gukiza indwara, murebe niba Umwami hari icyo yakoze mu myaka mike ishize, gutangira kugarura ugukiza ku barwayi, n'ibindi nk'ibyo.

¹³⁵ Umuntu wese, buri dini, ni ukubera ko kutageze mw'idini ryabo, bagombaga kubashakira umuntu ukiza. Twakoze iki? Reka tubirebeho akanya gato. Twakoze ikintu nk'icyo Mose yakoze. Twaragiye tugerageza bigoranye guhimba igisa n'igitangaza. “Numvise indwara. Na—na—nabonye amaraso mu biganza,” no gukora igitangaza. Murareba? None se twabonye iki? Bamwe mu bagabo bafite ibibazo nk'ibi, baritandukanya bagahinduka abasinzi basanzwe, abanyamujinya, kandi bafite ubwenge, kandi bahinduye inzira yose isubira inyuma, gahunda iva ku ntogo ya gipenecositi, bongeye gukora amashyirahamwe n'ibintu nk'ibyo. Murareba?

¹³⁶ Twakoze iki? Twahutaje Umunyamisiri. Ni byo. Kandi twaragerageje. Twarahangayitse. Twarishyuye. Twarakoze cyane, tugenda ijoro ryose mu materaniro y'amasengesho, kugeza ubwo nta jwi twari tugifite. Kandi—hanyuma tugerageza gukora ikintu, tukagisukaho isupu, n'ubwoko bwose bw'ibintu, ugasanga ari ukunanirwa rwose. Dukenye gusubira mu butayu. Ni byo. Yego Mugenzi. Kumenagura no kurwana. Kubera iki utabiyhorera? Ni byo ugomba gukora, murareba, gusubira inyuma ukabiyhorera. Kubera iki, twakoze ikintu kimwe bakoze, ikintu kimwe nk'icyo Mose yakoze. Ibyo ntacyo bivuze. Nyuma y'imyaka mirongo ine, yisanze ari imbohe y'Ijambo ry'Imana. Turimo kugerageza gukora iki?

¹³⁷ Ubwo, Umugisha ukomeye uzagaragara, ndetse no kwigaragaza kw'ibi bintu byose bikomeye Imana yatubwiye: uburyo tugomba kuvuka ubwa kabiri; n'uburyo tugomba

kwakira Umwuka Wera; umubatizo mu Izina rya Yesu Kristo; ndetse n'ibyo bintu byose hano.

¹³⁸ Murabona, abantu, aho kuguma kuri iryo Jambo, bakoresheje, mbese bakora iki? Batangiranye n'ibitekerezo byabo bwite, byari bimaze kunanirwa, hanyuma bagerageze gukora ikintu gisa nk'ukuri.

¹³⁹ Ni byiza guca aho ngaho. Murareba? Nzi neza ko muri abanyabwenge bihagije kugira ngo mumenye icyo nshaka kuvuga. Murabyumva? Ariko, kubera iki, nimurebe ibyo byakozwe. Mubitekerezeho.

¹⁴⁰ Twabonye iki, iri joro? ariko i—i—ishyanga ryuzuye abantu bafite gahunda: bahakana Ibyanditswe by'Imana; ni inde wakwita u—u—ubuzima bw'Umwuka Wera, ngo, “Byari i—ibiyumvayumvo gusa”; ni nde wabuza abo bantu kwinjira mu itorero ryabo; kandi ntibakwemerera kuvuga Ijambo rimwe ku bijyanye n'urubyaro rw'inzoka, ikiruhuko cy'Iteka, n'ibintu Umwuka Wera yahishuye kandi yerekanye ko ari Ijambo. Nagize ikiganiro mpaka ku kindi, kugira ngo nze banyereke ko hari aho nibeshye.

¹⁴¹ Babonye iki? Ikintu kimwe nk'icyo Luteri yari afite, abasigaye muri bo, murareba, yishe Umwegiputa. Ni iki kigomba... Ni iki? Birashoboka ko yatumye umuntu atangira... kureka kwiba, cyangwa wenda kubaho mu kuri ku mugore we. Ariko se wamumariye iki muri ibyo? Wamugize umwe mu bagize itorero. “Ngwino winjire mu itsinda ryacu.” Murareba?

¹⁴² Uwo muntu wapfuye arimo kunuka byari ikintu yashoboraga gutunga urutoki, rwo kunesha kwe, akomora ku myaka mirongo ine yamaze mu mahugurwa; Umunyegeputa unuka ariyanye aho, yaboze kandi yapfuye.

¹⁴³ Ibyo bijyanye n'uburyo bimeze muri iri joro. Gusa ikintu dushobora kwerekana, kuri ubu bubyutse bukataje (ni ko babyita), ni agatsiko kanuka k'abayoboze b'itorero batazi ibyerekeye Imana nk'Umuhotanto utazi ijoro ryo muri Egiputa. Ni byo. Ibyo, byababwira ibyerekeye Ijambo ry'Imana, baravugaga bati: “Ntabwo nemera Ibyo.” Bakavugaga bati: “Ntabwo nitaye ku byo uvuga, simbyemera.” Murareba? Murareba? Ni ikintu gikomeye cyo kwitabwaho tugashyirira inyuma, ku bibazo byose hamwe n'intambara n'ibindi bintu byose twabonye.

¹⁴⁴ Ahari dushobora kwerekana ishuri rinini, ariko ryarapfuye. Dushobora kwerekana ishyirahamwe, ariko na ryo ryarapfuye. Biranuka. Bimeze nk'ahantu ha mbere aho twavuye. “Ni nk'uko ingurube yivuruguta mu cyondo, n'imbwa nayo igashyirira ku birutsi byayo,” iyo dusubiye inyuma. Umunyamisiri umwe yarapfuye.

¹⁴⁵ Nta gushidikanya ariko hari uwabivuze ati: “Mose, erega, nta n'ubwo ukitaye ku bantu? Wahamagariwe gukora ibi.” Umuntu

wari uzi Mose, kandi akamenya ko yahamagariwe ibyo. “Kandi ntukore . . . Watakaje ibyiyumvo by’abantu?”

“Oya, mugenzi.”

¹⁴⁶ “Ni byiza, kuki utasohoka, aho, ukora *ibi*? Ese ni ukubera iki utari aho, ugerageza *ibi*? Kandi kuki utajyana n’abandi basigaye?”

¹⁴⁷ Mose yari hanze arimo kwiambura imyambaro, kugeza ubwo agiriye ubunararibonye ku gihuru cyaka, cyavugaga Ijambo. “NDI Imana ya Aburahamu, Isaka, na Yakobo. Kandi nibuka amasezerano Yanjye. Kandi naje kubabohora. Nkohereje kubikora.” Ni byo.

¹⁴⁸ Yabonye Ijambo, ntabwo ari ibyifuzo by’abaturage cyangwa ibyifuzo by’abantu. Yabaye iki? Ntiyashakaga kongera guhangana n’Abanyegiputa. Ntiyashakaga guhangana n’ikintu icyo ari cyo cyose. Ariko ahinduka imbohe. Amina. Imyaka mirongo ine y’uburetwa, yo kwiambura, ariko nyamara ahinduka imbohe, ku gihuru cyaka umuriro, umunyembaraga Mose n’ubwenge bwe bwose. Bibiliya ivuga ko Mose yari umuntu ukomeye mu magambo cyangwa mu bikorwa, muri Egiputa.

¹⁴⁹ Ariko murebe ibyo umuhanga mu bya tewolojiya ukomeye yakoze imbere y’igihuru cyaka umuriro. Gusa yemeye ko adashoboye. Amaze kubona umugambi nyawo w’Imana, yemeye ko adashoboye kubikora. Nyamara, yatorejwe muri tewolojiya yose bashoboraga kumuha, yatorejwe mu mashuri yabo meza. Ariko, nyamara, yashoboraga gukora iki mu gihe we . . . iyo Nkingi y’Umuriro yari ihaganye hariya mu gihuru? Aravuga ati: “Sinshobora no kuvuga. Um-hum. Mwami, Ndi inde, ngo ngende?” Murareba?

¹⁵⁰ “Kuramo inkweto, Mose. Ndashaka kuvugana nawe. Rambarara hasi, ndetse n’inkweto zawe. Urimo—urambaraye hasi. Ndashaka kuvugana na we.”

¹⁵¹ Ntushobora no kuvuga. Hanyuma, imbohe yatoranijwe, umuhanuzi watoranijwe, nk’uko Pawulo yatoranijwe. Mose yaratoranijwe, umukiza. Hanyuma, amaherezo, Imana yitoranirije imbohe yayo. Yoo, haleluya! Yashoboraga kugenda gusa nk’uko Ijambo ry’Imana ryamuhinduye. “Ndavuga ko ari nde wanyohereje?”

“NDIHO.”

“Nzabigenza nte?”

“Nzaba ndi kumwe nawe.”

¹⁵² “Yego, Mwami, nk’uko Ubivuze. Ndi hano.” Yoo, mbega! Ibyo, ni ukuba imbohe.

¹⁵³ Yanyuranyije n’ibitekerezo bye byiza. Noneho, yari yaratojwe kuyobora ingabo. “Inkota, hejuru! Mu maso he!” Yatojwe kugenda, “Amagare, yose uko yakabaye! Amacumu,

imbere! Biteguye!” Ni bwo buryo agiye kubifatamo. Iyo yari imyitozo ye.

Ariko yaravuze ati: “Ni iki ngiye gukoresha?”

Ati: “Ni iki ufite mu ntoki zawe?”

¹⁵⁴ “Inkoni.” Imana ikora ibintu bisekeje rimwe na rimwe, mu bitekerezo by’abantu. Murareba? Afite inkoni mu ntoki ze. Ubwanwa butendera. Imyaka mirongo inani. Umugore we yicaye ku nyumbu; akikiye umwana ku bibero. Amaboko ye mato, ashaje atendera; afite inkoni. Gusa umutwe we ureba hejuru, kuko yari afite UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Kubera iki? Amaherezo yari yaraboshywe.

¹⁵⁵ Yari imbohe. “Nzajya gusa aho Ijambo rinsunitse. Nzavuga gusa aho Ijambo rivuga.”

“Urajya he?”

¹⁵⁶ “Nahawe komisiyo imwe: yo guhagarara imbere ya Farawo ngo mwereke, nkoresheje iyi nkoni, ko Imana yanyohereje.” Amina.

“Ni iki ugiye gukora nyuma y’ibyo?”

“Izatanga igikurikira, nyuma yo gukora ibi.”

¹⁵⁷ Ni ho muri. Mufite ikintu kimwe gusa cyo gukora, ku ntambwe ya mbere, iri joro: mumwiyegurire, mube imbohe. Ntimatekereze mwenyine cyangwa ikindi kintu. Muhinduke imbohe.

¹⁵⁸ Mose yabaye imbohe, yiyemerera ko adashobora no kuvuga. Nyuma, igihe Imana yamushyiraga mu biganza Byayo, aho yashoboraga kujya gusa aho Imana imujyanye. Aho, yamubwiriye Ijambo. Yari azi ko ari Jambo, noneho yiyegurira Ijambo. Kandi Umwuka Wera ahongaho, Imana, yakoresheje Mose ku bushake bw’Imana.

¹⁵⁹ Ni cyo kintu kimwe yakoreye Pawulo. Ibyo ni ukuri? Yakoresheje Pawulo; muto, w’izuru rigoramyeye, Umuyahudi usebanya, yewe, ufite impamyabushobozi y’ikirenga muri Filosofiya Ph.D. no mu ndimi LL.D.’s zimwanditseho. Ariko yaravuze ati: “Ngiye kumwereka uko azababara kubw’Ijambo.” Murareba? Na we. . .

¹⁶⁰ Hanyuma, Pawulo yicaye aho abona Ijambo, abona ko ari Yesu, noneho arambura ibiganza maze aba imbohe kuri We. Urukundo rw’Imana rwamubohereye ku Ijambo. “Agiye kwitwa Izina Ryanjye imbere y’abanyamahanga.” Nuko aragenda.

¹⁶¹ “Mose, NDI Imana ya ba sogokuruza. NDI Imana ya Aburahamu, Isaka, na Yakobo. Ndibuka ko nabasezeraniye, kandi igihe cy’amasezerano kiregereje. Kandi ndabona imibabaro y’ubwoko Bwanjye. Ndibuka amasezerano Yanjye. Kandi ndamanutse kugukoresha. Uzi icyo Ijambo rivuga. Noneho, nakwifashishije ngo umanuke hariya, nkoresheje

imbaraga, ngo umanuke hariya ubohore ubwoko Bwanjye. Nuko rero fata iyo nkoni mu ntoki zawe, nk'umuhamya, 'kubera ko wabonye igitangaza cyakozwe na yo." Kimwe na Dawidi, hamwe n'ikondera. Murareba?

¹⁶² Imbohe, we ubwe, aramanuka. Hanyuma, Imana yari ifite umuntu wayumviraga, akayumvira, kandi ntiyashoboraga kugenda kugeza igihe Ijambo ry'Imana rimuhagurukije. Niba abantu babikoraga gusa, uyu munsu! Noneho, yari imbohe Ye, imbohe y'urukundo, yiziritse mu bucuti bw'urukundo, hamwe—hamwe n'Imana, nk'uko Pawulo yari abohewe mu rukundo rw'Imana.

¹⁶³ Kimwe na Pawulo, bombi batojwe kimwe. Mose yatojwe, kurokora abana ba Isiraheli mu mbaraga za gisirikare. Pawulo yatojwe kubakura mu maboko y'Abaroma akababohora, n'imbaraga ze zikomeye za kiliziya ku isi muri icyo gihe. Amashuri akomeye yo guhugura, yakuriye munsu y'ubushobozi bwa Gamaliyeli.

¹⁶⁴ Bombi bajya mu butayu, um-hum; bagaruka bahindutse. Bombi babonye Inkingi y'Umuriro. Bombi bari abahanuzi. Si ko bimeze? Bombi, bari abahanuzi. Kandi bombi bavuganye n'Inkingi y'Umuriro, ni byo rwose, baje kurokora. Aho ni ho bari bari; bagiye mu butayu. Bataye ingo zabo bajya mu butayu, kugira ngo babimenye. Basize ubwoko bwabo n'ibintu byose, kugira ngo babone ubushake bw'Imana. Murareba?

¹⁶⁵ Bahuguwe mu buryo bumwe; Imana yabahinduyemo abandi. Bagomba kuba imbohe zuzuye, kudakora mu buryo bashakaga gukora, ahubwo bakore mu buryo Imana yashakaga ko bakora. Uko yari ejo ni ko iri uyu munsu kandi ni ko azahora iteka ryose.

¹⁶⁶ Dufite indi minota icumi, kugira ngo dukore ibi?

¹⁶⁷ Ngiye guhita nihuta ngere ku mico y'undi muntu. Ndabona umwe imbere yanjye nonaha. Yitwa Yozefu. Yari umuhungu watoranijwe. Yari urugero rutunganye rwa Yesu Kristo. Yavutse ari umuhanuzi. Yari umuhanuzi, nawe. Murareba? Noneho yashoboraga kubona iyerekwa. Kandi akiri muto, yabonye iyerekwa we ubwe yicaye ku ntebe y'ubwami, bene se bamwunamira. Murareba? Ariko murebe. Ahinduka... Yumvaga ari umusore ukomeye. Murareba? Kandi bose...

¹⁶⁸ Ariko Imana yagombaga gukora iki? Yakoze ikintu nk'icyo yakoreye abasigaye. Kubera ko, Mose yari umutabazi, Pawulo yari umutabazi, noneho Yozefu nawe yari umutabazi. Yakijije ubwoko bwe inzara.

¹⁶⁹ Ni iki Imana yagombaga kumukorera? ni ukumushyira muri gereza, kumushyira muri gereza. Yego mugenzi. Mwibuke ko yagurishijwe na bene se, ku Munyegiputa. Bamugurisha kuri Potifari. Nuko Potifari amuha umudendezo muto, kandi, ikintu cya mbere muzi, ni uko uwo mudendezo wamukuweho.

Agezeyo, yicara muri gereza, ararira, ararira. Imana yagombaga kuwumukuraho.

¹⁷⁰ Noneho icyitonderwa. Ariko, igihe cyose, ndizera ko we, muri iyo gereza, yashoboraga kwibuka ko iyerekwa ryavuze ko agiye kwima ingoma, kandi bene se bagiye kumwunamira, kuko yari azi ko impano ye ituruka ku Mana. Kandi yari azi ko ari byo, bigomba gusohora.

¹⁷¹ Niba twashoboraga kubizirikana gusa, kandi dukurikije Ijambo ry’Imana, ko muri iyi minsi ya nyuma Yo izagira Itorero, Yo izagira abantu. Kandi ibyo bintu Yasezeraniye, Igiye kubikora. Yavuze ko izabikora, kandi turi muri icyo gihe. Tukirimo. Irimo kugerageza gusa kutubona nk’imbohe nyazo, ziboshywe na Yo.

¹⁷² Mwumvise ya ndirimbo ya kera turirimba, “Noneho mbohewe ku Mana”? Ndashaka kubohwa n’Imana. Noneho, ni ho natekereje kuri ibi. Kuboherwa ku Mana, nta kindi, kandi ukagenda gusa ari uko Imana ivuze ngo genda. Ugakora gusa ari uko Imana ivuze ngo kora, murareba, noneho ubwo uba uboshywe n’Imana.

¹⁷³ Noneho nimwibuke, yaratekerezeza. Yabaye kandi nk’uneshejwe, ku bwe. Ibyo yari azi byose, ibyo yumvise byose, n’ibintu byose, ahinduka uneshejwe rwose. Ntabwo byakoraga. Yashyizwe mu bihe aho nta muntu n’umwe uzamwumva. Yari imbohe. Murareba? Yashyizwe mu bihe, abatizera batemera. Murabona icyo nshaka kuvuga? Umurimo we ntacyo wamaze. Abantu bahindukiza imitwe yabo. Ntabwo bari kumwitaho muri gereza. Ni ubuhe butumwa umurimo we wari gukora? Ashobora guhagarara imbere y’abanyamategeko ba gereza akababwiriza; bari kugenda mu muhandu. Murareba? Ariko ahinduka imbohe. Imana imugumana ari imbohe, kugeza igihe uruziga ruzungurutse neza. Aravugaga ati: “Dore umugabo nemera.” Icyubahiro kibe icy’Imana! Kuneshwa kuzuye!

¹⁷⁴ Amaherezo, Imana yaje aho ari muri gereza ye. Kimwe na Pawulo, kimwe n’abandi bese, yaramwegereye. Kandi yakoresheje impano yari yamuhaye, kugira ngo imukureyo. Ni byo. Imuvana muri gereza ye. Yakoze iki? Ikimara kumuvana muri gereza ye, yahawe imbaraga n’umwami, umwami we, ashya ku ruhande, ko ari muni ye. Yakuwe mu nzu ya gereza ahabwa ububasha, kugira ngo ibyo yavuze byose bibeho. Amina.

¹⁷⁵ Muri gereza ye, yahoraga yibuka, yavutse afite intego. Yari agiye kwicara iruhande rw’umwami. Abasigaye bese bagiye kumupfukamira. Iyerekwa rye ryari ryabimubwiye. Amina. Ariko mbere y’uko icyerekezo cyo gisohora, yagombaga kuba imbohe. Amina. Hanyuma agahinduka umutegetsi. Kandi iyo avuye mu nzu ye ya gereza, ahinduka imbohe y’Ijambo ry’Imana, ko yashoboraga kuvuga gusa ibyo Imana yashyize mu kanwa ke ngo abe ari byo avugaga, noneho Imana ibimunyuzamo.

¹⁷⁶ Mumenye ko, Mose yari afite imbaraga zo gufunga ibikomangoma bya Farawo, ku bushake bwe. “Niba mushobora kubwira uyu musozi muti: ‘Imuka.’” Uh-huh, uh-huh. Yari afite imbaraga zo gufunga ibikomangoma bya Farawo. Niba bari abadiyakoni, cyangwa abapadiri, cyangwa niba ari—abahagarariye Leta cyangwa abo ari bo bose. Yaravuze ati: “Ndagufunze,” kandi bahitaga babafunga. Ni ko byari bimeze. Yashoboraga kubikora ku ijambo rye bwite, ku bushake bwe. Amina. Imana ihabwe icyubahiro!

Yoo, mfite iminota igera kuri itatu gusa, noneho nkomera ku ijambo ryanjye.

¹⁷⁷ Noneho tumenye, ko we—ahinduka imbohe ku Mana, kuva ku mbohe kugeza ku isi. Kuva . . . Pawulo, kimwe. Kandi Mose, kimwe, kuva ku mfungwa kugeza mu bitekerezo bye, kugeza ku mfungwa kugeza ku Mana. Kandi ubwo yasohokaga, yari afite imbaraga z’Imana. Kandi ubwo yahindukaga Pawulo . . . Ubwo Mose yavaga ku bitekerezo bye bwite, kandi akabizibukira, yahindutse imbohe y’Ijambo rya Kristo. Birashobora kwimuka bikaba n’ahandi hose . . .

Uravuze ngo: “Kristo?”

¹⁷⁸ “Yubahaga gutukwa kwa Kristo kuruta ubutunzi bw’Abanyegiputa.” Yabaye imbohe kuri Kristo, nk’uko Pawulo yari ari yo.

¹⁷⁹ Mwibuke ko bose uko ari batatu bari abahanuzi. Murareba? Bagomba kwamburwa ibitekerezo byabo, kugira ngo babe imbohe ku bushake n’inzira z’Imana.

¹⁸⁰ Noneho turibuka, noneho, ko yari afite imbaraga zo kuboha, ku ijambo rye bwite. Yari afite imbaraga zo gutakaza, biturutse ku ijambo rye. Yashobora kuvuga ati: “Ndagufunguye, mu izina ry’umwami wanjye.” Amina. Farawo yagize Yosefu umuhungu we.

¹⁸¹ Kristo agira Abe, imbohe z’urukundo, abahungu Be. Kandi Abaha imbaraga, cya kintu kimwe We yari afite. Mutagatifu Yohani 14:12, “Unyizera,” murareba, “imirimo Nkora nawe azayikora. Ndetse n’ibirenze ibyo azabikora.” Noneho imbohe y’urukundo rwa Kristo ihabwa imbaraga n’Umwami we, Ari we Kristo. Amina. “Ndababwira nkomeje ko nimubwira uyu musozi muti: ‘Shinguka aha,’ kandi ntimugire gushidikanya mu mutima wanyu, ahubwo mukemera ko ibyo mwavuze bizasohora, muzabona ibyo mwavuze. Niba mugumye muri Njye, n’Ijambo Ryanjye rikaba muri mwe; niba mubohewe kuri Njye,” kuko We ari umwe n’Ijambo Rye. “Mbere na mbere hariho Jambo, kandi Jambo yahoranye n’Imana. Jambo yahinduwe umubiri nuko atura muri twe. Uko yari ari ejo, n’uyu muni ni ko ari, kandi ni ko azahora n’iteka ryose! Nimuguma muri Njye,” ntabwo ari *hano* na *hariya*, “nimuguma muri njye, n’Ijambo

Ryanjye rikaba muri mwe; musabe icyo mushaka, cyangwa muvuge icyo mushaka, muzagihabwa.” Yari afite imbaraga.

¹⁸² Mumenye ko, mbere y’uko asohoka, yagombaga gukurwamo no kogoshwa. Ibintu bike byabaye ngombwa ko bamwogoshwa mbere y’uko ahura n’umwami we. Murareba?

¹⁸³ Yoo, Imana rimwe na rimwe ikuramo ubwoko Bwayo gutya, ikagabanya bike ku byo mu bushake bwabo, ikabereka ko badashobora gukora ibyo bashakaga gukora. Muzi icyo nshaka kuvuga. Ntabwo ba—ntabwo bafite umudendeze wo gukora ibyo bashakaga gukora. Mbere y’uko bashobora kwinjira mu bubasha bwuzuye no kuba imbata y’urukundo rwa Kristo, bagomba kwiyogoshesha hanyuma bakerekanwa. Rimwe na rimwe, We abajyana mu butayu, kubikora, kubogoshwa. Noneho akabakurayo, abo basizwe, kugira ngo basohoze intego We yabategetse kugeraho. Murareba icyo nshaka kuvuga?

Bakundwa, turi mu gihe cya nyuma.

¹⁸⁴ Mwibuke, ibindi bihe byose, ibyo We yakozze. Buri gihe agomba gufata umuntu akamugira imbohe Ye, akareka ibye. Yagombaga kureka ibintu byose yari azi, akibagirwa imyitozo ye yose, n’ibindi byose, kugira ngo amenye ubushake bw’Imana, no gukurikira Imana.

¹⁸⁵ Ntashobora gukurikira ikintu cyose umuntu agomba gukora, n’Imana, icyarimwe. Biratandukanye cyane, kimwe ku kindi. Ntushobora kujya iburasirazuba n’iburengerazuba icyarimwe. Ntushobora kugenda iburyo n’ibumoso icyarimwe. Ntushobora gukora icyiza n’ikibi icyarimwe. Ntushobora gukurikira umuntu n’Imana icyarimwe. Oya, Mugenzi. Uhitamo gukurikira Imana cyangwa gukurikira umuntu.

¹⁸⁶ Noneho rero, niba ukurikira Imana ukaba wiyeguriye Imana, ubwo noneho uhinduka imbohe kuri iyo Mana, kuri iryo Jambo, kuri ubwo bushake. N’ubwo havugwa ibimeze bite, uhinduka i—imbohe kuri Ryo.

¹⁸⁷ Nimwumve. Turi mu gihe cya nyuma. Kandi ibi ndabivuga mfite gutinya no kubaha, mu gihe iminota ya nyuma irimo inshirana. Murareba. Icyo Imana, icyo ntekereza, izakora kandi igomba gukora, kandi izakora muri iyi minsi ya nyuma, ni ugushaka igikoresho cyo gusarura. Agomba gushaka igikoresho, cyo guhurisha ibisarurwa. Umuhinzi uwo ari we wese, iyo agiye gusarura, agomba kugira igikoresho cyo kubikora; rwose, agomba kugira umuhoro utyaye cyangwa ikindi kintu, igikoresho runaka, kugira ngo ahurishe ingano. Kandi ibisarurwa bireze.

¹⁸⁸ Mana, dufate mu kiganza Cyawe. Duhindure imbata-imbata y’urukundo Rwawe. Dukoreshe ibikoresho, kugira ngo tuzane gusobanukirwa kuri iyi si y’icyaha, yavumwe turimo uyu muni, ko Yesu Kristo uko yari ari ejo, n’uyu muni ariko ari, kandi ari ko azahora iteka ryose.

¹⁸⁹ Ku bwanjye, Mana, reka mbe imbohe. N'ubwo abavandimwe banjye bose banyanga, n'ubwo inshuti zanjye zose zanyanga, ndashaka kuba imbohe ya Yesu Kristo n'Ijambo Rye, kugira ngo nkoreshwe n'Ijambo Rye, n'Umwuka Wera, kubona Umwuka Wera utuma Ijambo ry'Imana rihamirizwa na byabindi We yavuze ko bizakorwa. Ndashaka kuba imbohe ya Yesu Kristo.

Mureke dusenge.

¹⁹⁰ Ndibaza, iri joro, twunamishe imitwe yacu, niba icyo cyifuzo dufite, cyo kuba ikindi kintu, cyangwa birashoboka ku kintu dushobora gutekereza, kuba ikintu cy'ubwikunde, twibaze niba tudashobora kugishyira ku ruhande.

¹⁹¹ Ndibaza niba hari umusore ukiri muto hano, muri iri joro, murebe hirya no hino, muvuge muti: “Ngiye kuba, ntyo, nzaba ikintu *runaka-runaka*.” Ndibaza niba mushobora kumva ubushake bw'Imana bugenda mu buzima bwanyu, mukavuga muti: “Oya, oya. Uh-huh, uh-uh. Ibyifuzo byanjye ubu nabiretse. Mu minsi yashize, Umwuka Wera yavuganaga nanjye. Nda—nda—nda—ndashaka kwiyegegurira Imana, kugira ngo mbe igikoresheho gikoresheya muri iyi minsi ya nyuma.”

¹⁹² Umukobwa ukiri muto ushobora kuba afite intego zo kuba umudamu mwiza, cyangwa—cyangwa se umugore mwiza ufite uburanga, cyangwa birashoboka ko umunsi umwe uzahindura Hollywood umwuga wawe, Ndi—ndibaza niba mudashaka noneho gutanga icyifuzo cyanyu imbere y'Imana n'Ijambo Ryayo, mwumve umuhamagaro w'Imana mu buzima bwanyu bwite. Imana izi abo muri bo.

¹⁹³ Ndibaza niba haba hari umukozi w'Imana uri hafi, cyangwa umukozi, umukozi aho ari ho hose mu rusengero. Gusa ninjira hano, rimwe na rimwe. Nta—ntabwo nzi kimwe cya gatatu cy'abantu bicaye hano, muri iri joro, ariko njye, ibi biganza bikeya biri hano, ariko nibaza niba habaho umuntu nk'uyu, ku buryo mwaba mwiteguye kuvuga muti: “Sinitaye ku cyo umuntu uwo ari we wese avuga. Ndi imbata y'Imana ubu. Ndi—ndi—ngiye kwamamaza Ijambo Rye, ntacyo nitayeho. Habe n'ubwo i—idini ryanjye ryanyirukana, nzakomeza kugumana n'iri Jambo. Ngi—ngiye kubikora. Ubushake bwanjye ni ubushake bw'Imana. Ubushake bw'Imana ni ubushake bwanjye. Ngiye kuba imbohe kuri Yesu Kristo. Kubw'ubuntu n'ubufasha Bwe, nzabikora.”

¹⁹⁴ Nimubitekerezeho, mu gihe twunamishije imitwe. Ni bangahe bafite icyo cyifuzo, muri iri joro? Muzamure ibiganza byanyu. Nanjye nzamuye icyanjye. Ntanze byose. Hamwe n'imitwe yunamishijwe nonaha, buhoro buhoro, mu gihe mubitekerezaho nonaha, no mu gihe musenga.

Nkweguriye byose,
Nkweguriye byose,
Byose kuri We, Umukiza wanjye wahawe
umugisha,

Nkweguriye byose.

Nkweguriye-...

¹⁹⁵ Mu by'ukuri ni byo ushatse kuvuga? “Ndashaka kuba imfungwa.”

Nkwe...

“Mfata, Mwami. Unjyane mu nzu yo Kubumbiramo, iri joro. Umvunagure muri byose, kandi wongere umbumbabumbe...?...”

...kuri Wowe, Umukiza wanjye wahawe umugisha,
Nkweguriye byose.

¹⁹⁶ Data wo mw'Ijuru, mu gihe indirimbo ikomeza gucuranga, Natekereje ko ari iby'inyungu cyane muri iki gihe, ko njye—Njye nahagarika indirimbo nkavugana na We akanya gato. Nk'uko abantu babitekereza, “Nkweguriye byose,” Data, reka dukore ibi, nk'aho ari yo mahirwe yacu ya nyuma yo kubikora. Reka tuze tubikuye ku mutima, tujye ku meza y'Uwiteka, nk'uko byari bimeze, n'imyambaro yogejwe, umutima wogejwe, ubushake bwogejwe, kugira ngo tukwiyegurire.

¹⁹⁷ Reka Imana ifate Ijambo Ryayo, iduhuze hamwe na Ryo, Ijambo ry'Imana. Kandi Umwuka Wera adutware nonaha, nk'uko twumva iminsi ikomanga ku mitima yacu, “Kuva kuri uyu mugoroba, ngufatiye ku ijambo ryawe. Noneho sigaho gutekereza ibitekerezo byawe. Tekereza ibitekerezo Bwanjye. Tekereza ubushake Bwanjye. Nzakuyobora.” Mana, biduhe kuko bizaba ari ubunararibonye kuri buri wese uri hagati muri twe.

¹⁹⁸ Uru rubyiruko rwicaye hano; umugabo n'umugore; ndetse bamwe baraza kuba umugabo n'umugore. Hano hari abagabo bakuze bicaye hano, abo ni abakozi b'Imana, bagenze aho hose ku mihanda. Kandi, Mwami, dore hano hari Mwene Data Neville, njye, ndimo ndazamuka ku mitambiko y'urwego. Iminsi yacu irabaze ubu. Intambwe zacu zakozwe neza kuruta ibyo twakoze. Turareba aho twerekeza. Ntabwo twiyizeye by'ukuri, mu buryo bugaragara tuvugishije ukuri, nk'uko twahoze. Ariko, Mwami, nk'uko tubona ko ubuzima bupfa burimo kurangira, kandi nta n'imwe mu ntambwe zacu yizewe Utadufashe ukuboko.

¹⁹⁹ Noneho, Mana, dufate, ese uzabikora? Fata imitima yacu n'ubushake bwacu mu biganza Byawe Bwite, maze utureke duhinduke imbohe, iri joro, ku Ijambo, kuri Kristo. Reka tubeho ubuzima buturuka ku Mana hano. Reka abo bagore, aba bakobwa bakiri bato, aba basore, abahungu n'abakobwa, batange ubuzima bwabo, Mwami. Kandi ibyifuzo byabo bibe ibyo gukorera Yesu Kristo, kandi reka, babe imbohe y'ubuntu Bwe bw'Imana n'ubushake. Biduhe, Mwami.

²⁰⁰ Ibi ni byo byonyine nzi gukora, Mwami. Aya magambo y'incamake, kandi ni—nizera ko Uzayashyira hamwe, neza. Kubera ko, hano harashyushye, kandi abantu barashaka gutega amatwi, ariko harashyushye rwose. Kandi benshi bagomba gutaha bakajya ku kazi hakiri kare. Ariko izo mbuto nizinjire mu mitima yabo, “imbohe.”

²⁰¹ Jya mu rugo ubwire umugore, nk'uko ba... 'Mbere y'uko bitegura kumanuka ngo bajye gusenga, nyuma ya saa sita, cyangwa nimugoroba, hafi y'igitanda, murebane umwe ku wundi, muvuge muti: “Nshuti, bimeze bite, iri joro? Mbese twahindutse imbohe kuri Kristo n'ubushake Bwe, cyangwa—cyangwa dukorera mu bushake bwacu bwite?”

²⁰² Reka abasore n'inkumi, ahantu hose, cyane cyane kuri abo bumvise Ubutumwa, iri joro, bibaze ubwabo icyo kibazo kimwe bati: “Mbese niteguye kuba imbohe, ngaheba ubuzima bwanjye bwite?”

²⁰³ “Uzakiza ubuzima bwe azabubura, ariko uzatakaza ubuzima bwe ku bwanjye azabubona.” Data, turabizi, ni byo: kuba imbohe Yawe, kureka intumbero zacu n'ibyifuzo byacu, kugira ngo tubone Ibyawe, hanyuma turonke Ubugingo Buhoraho. Biduhe, Mwami.

²⁰⁴ Gusa ikintu nzi, ni ukubyegurira mu biganza Byawe nonaha. Kandi reka byere imbuto kandi bibyare ibi—ibikoreshe by'umusaruro w'iminsi ya-nyuma, abagabo n'abagore, abahungu n'abakobwa, biyeguriye ubushake bwuzuye bw'Imana, maze bahinduka imbohe za Yesu Kristo, ku rukundo Rwe, ziboheshejwe iminyururu y'urukundo rw'Imana kuri Kristo. Turabisaba mw'Izina Rye.

Nkweguriye byose,

Reka duhaguruke.

Nkweguriye byose,

Byose kuri Wowe, ibyanjye...?...

²⁰⁵ Reka twongere tubivuge, duhumirije kandi tuzamuye ibiganza.

Nkweguriye byose,

Nkweguriye byose,

Byose kuri Wowe, Umukiza wanjye wahawe umugisha,

Nkweguriye byose.

²⁰⁶ Noneho, niba twese twunamishije imitwe yacu, kandi mbere y'uko indirimbo yo gusezera iririmba, ya *Fata Izina rya Yesu Hamwe Nawe*, Ngiye kubaza ko—ko uyu muvandimwe uri hano... Nibagiwe izina rye. Mushiki wacu watanze ubuhamya ku iyerekwa ry'umwijima uje, yakize. Kandi mwibuke, musubije amaso inyuma, umwenda wari utwikiriye wari wavuyeho.

Ukwizera kwe kwabikoze. Dusezerere mw'isengesho, urabikora, mwene Data? Kandi udusabire imigisha y'Imana. 

63-0717 Imbohe
Urusengero rwa Branham
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2025 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. Box 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org